

AMASOMO MBONEZAMUBANO

Igitabo cy'Umwarimu

Umwaka wa

2

w'Amashuri Abanza



Highland Publishers Ltd
P.O.BOX 305 Kigali
Tel: + 250788800330, +250788757591
Email: highland.publishers2014@gmail.com

© 2016, Highland Publishers Ltd
ISBN: 978-99977-48-03-4

Nta muntu uwo ari we wese, mu buryo ubwo ari bwo bwose wemerewe kwandukura, kwigana, gufotora, ibiri muri iki gitabo, yaba inyandiko cyangwa amashusho adafite uburenganzira bwanditse bwemewe n'amategeko butangwa na Highland Publishers Ltd. Uzabirengaho azahanwa n'amategeko ya Leta y'u Rwanda arengera abanditsi.

Abanditsi: MURENZI Emmanuel
NSABIMANA Benjamin

Uwaturunganyije igitabo: Uwamungu Thierry
Uwashushanyije: Ngarambe Albert

Ishakiro

Imyigire n’imyigishirize y’amasomo mbonezamubano.....	1
Imbonerahamwe nkomatanyamasomo.....	6
Iteganyamasomo ry’umutwe wa 1.....	11
Imbata y’isomo rishingiye ku bushobozi.....	13
Umutwe wa 1: Umuryango	16
1.1. Amasomo ari mu mutwe wa 1.....	16
1.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe wa 1.....	25
1.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 1.....	25
Umutwe wa 2: Ishuri, Umudugudu n’Akagari.....	27
2.1. Amasomo ari mu mutwe wa 2.....	27
2.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe wa 2.....	38
2.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 2.....	41
Umutwe wa 3: Isuku.....	42
3.1. Amasomo ari mu mutwe wa 3.....	42
3.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe wa 3.....	47
3.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 3.....	49
Umutwe wa 4: Indwara.....	50
4.1. Amasomo ari mu mutwe wa 4.....	50
4.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe wa 4.....	53
4.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 4.....	53
Umutwe wa 5: Imibanire n’imyitwarire iboneye.....	54
5.1. Amasomo ari mu mutwe wa 5.....	54
5.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe wa 5.....	65
5.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 5.....	67
Umutwe wa 6 :Ubukungu	68
6.1. Amasomo ari mu mutwe wa 6.....	68
6.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri ku mutwe wa 6.....	78
6.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 6.....	80
Umutwe wa 7: Ibidukikije	81
7.1. Amasomo ari mu mutwe wa 7.....	81
7.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe wa 7.....	88
7.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 7.....	89
Umutwe wa 8: Ubwikorezi n’itumanaho	91
8.1. Amasomo ari mu mutwe wa 8.....	91
8.2. Ibisubizo by’imyitozo iri mu gitabo cy’umunyeshuri umutwe 8.....	95
8.3. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 8.....	95
Umutwe wa 9: Ibintu by’ingenzi byaranze amateka y’aho atuye n’ay’ishuri rye.....	96
9.1. Amasomo ari mu mutwe wa 9.....	96
9.2. Ibisubizo by’isuzuma risoza umutwe wa 9.....	98
9.3. Ibisubizo by’isuzuma rya 1 risoza umwaka	98
9.4. Ibisubizo by’isuzuma rya 2 risoza umwaka.....	99

IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE Y'AMASOMO MBONEZAMUBANO

Intangiriro

Amasomo mbonezamubano ni umusingi w'amasomo yose y'ubumenyamuntu ashimangira indangagaciro z'Umunyarwanda.

Agamije kubaka ubumuntu, umunyeshuri akagira imyitwarire ikwiye, kwimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane, ubutabera n'ubumwe bw'Abanyarwanda.

Agamije kandi kwigisha abanyeshuri gushungura ikibi n'ikiza, gukora ibikwiye mu gihe gikwiye. Bityo bakaba inyangamugayo, intangarugero n'Abanyarwanda nyabo Igihugu gikeneye.

Amasomo mbonezamubano akubiyemo inyigisho kuri "Ndi Umunyarwanda" Itorero ry'Igihugu, Ubuzima bw'imyororokere, kubungabunga ibidukikije, kwizigamira, uburinganire, SIDA, Isuku, umuco w'amahoro n'iterembare, uburezi budaheza, ikoranabuhanga, ubumwe n'ubworoherane.

Ubushobozi rusange bugamijwe mu masomo mbonezamubano

Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri agomba kuba ashobora:

- Gusobanura ku kigero ke impamvu ari ngombwa kuba umuturage mwiza, ufite imigenzo myiza ishingiyeye ku ndangagaciro nyarwanda na kirazira .
- Gusobanura impamvu yo kubungabunga ibidukikije.
- Kubungabunga umutungo w'urugo, w'umuryango n'uw'Igihugu.
- Kugira umutima wo gukunda umurimo no kuwukora neza afatanya n'abandi.
- Kugira umuco wo kwitekerereza no gushishoza.
- Gukemura ku kigero ke ibibazo ahura na byo mu buzima bwe bwa buri muni .

Ubushobozi fatizo bugamijwe mu masomo mbonezamubano

- Gukoresha ubushishozi, ubushakashatsi mu gukemura ibibazo mu gutara amakuru arebana n'amateka y'umuryango n' imyemerere.
- Guhanga udushya yikorera ibikoresho byo ku ishuri no mu rugo.
- Gushyikirana n'abandi mu gihe bajya impaka cyangwa bakora inkuru.
- Kubasha guhora yiyungura

ubumenyi mu myigire ye no mu buzima bwe bwose.

Uko amasomo mbonezamubano yubaka ubushobozi

Amasomo mbonezamubano atoza abanyeshuri kwiwigisha bakora ubushakashatsi, bitegereza, bakorera mu matsinda, bakavumbura ibyigwa bagenewe babigizemo uruhare runini. Bitoza imigenzo myiza yiganjemo indangagaciro nyarwanda bashungura ibyiza by'umuco wacu. Bahabwa ubushobozi bwo gushishoza mbere yo gukora icyo ari cyo cyose, kwibwiriza no guhanga udushya.

Imbonezamasomo mu kwigisha amasomo mbonezamubano

Amasomo mbonezamubano agamije gutoza abana imico myiza, bakabana neza n'abandi, bakagira imyitwarire iboneye bakiri bato.

Uburyo bukoreshwa mu kwigisha:

- ***Gukorera mu matsinda bifasha umunyeshuri :***
 1. Kwiyumvisha uruhare rwa buri wese (uburinganire)
 2. Kwigirira ikizere
 3. Kubana neza na bagenzi be basangiye itsinda.
 4. Kubaha ibitekerezo by'abandi

no kwemera ubwuzuzanye.

5. Kwifatanya n'abandi mu gutunganya umurimo bahawe .
6. Kungurana ibitekerezo mu mahoro n'ubwumvikane.
7. Abanyeshuri b'abanebwe cyangwa badashabutse baterwa umwete na bagenzi babo b'inkwakuzi bari kumwe mu itsinda.
8. Mu mirimo y'amatsinda, haba ubwuzuzanye, butuma imyigire yorohe kandi ikaba myiza kurusha ko mwarimu yaba ariwe ukora wenyine.

- ***Anketi***

1. Ubu buryo ni ingirakamaro mu masomo mbonezamubano. Umunyeshuri agiramo uruhare runini kuko ari we ushakashaka, akavumbura, akiyungura ubumenyi, ubukesha, imico myiza n'imyitwarire.

- ***Umushinga***

1. Ahanini umunyeshuri ahabwa umurimo/igikorwa cyo gukora
2. Imishinga ntinganya uburemere n'igihe ariko iba ikwiranye n'ikigero ndetse n'ubushobozi bw'umunyeshuri.
3. Buri gihe umwarimu afasha kandi akayobora umunyeshuri kugira ngo akore umurimo we neza.
4. Umunyeshuri yifashisha ishuri, aho atuye n'ahandi.

Urugero:

Inzibutso, inzu ndangamurage, amasomero, n'ibindi.

- ***Gushakashaka***

Ubu bushakashatsi bushingiye ahanini ku bibazo ajya kubaza ababyeyi abantu bakuru b'inararibonye bari ku ishuri cyangwa hafi y'aho atuye.

- ***Gusura ahantu***

Bigamije gufasha umunyeshuri kwitegereza no kuvumbura bimwe mu bifitanye isano n'ibyo yize cyangwa agiye kwiga , Ashobora gusura nk'isoko, ivuriro, Umudugudu, Akagari, inzu y'ubucuruzi .

- ***Kujya impaka***

Umunyeshuri agiramo uruhare runini kuko ari we utanga ibitekerezo ku bigibwaho impaka yabanje kubisesengura, agashimangira cyangwa akavuguruza ibyo bagenzi be bavuze.

- ***Kwitoza no gusubiramo***

1. Ubu buryo burihariye kandi bwuzuzwa ubwavuzwe haruguru
2. Bugamije gufasha umunyeshuri gusubira mu byo yize, kubishyira mu bikorwa no kubisobanukirwa neza.
3. Kwitoza(gushyira mu bikorwa) no gusubiramo bifasha umunyeshuri kubona ibyo atumvise neza,ibyamucitse, bityo akagira ubumenyi bwuzuye bw'ibyo yigishijwe.

5.2 Uruhare rw'umunyeshuri

1. Umunyeshuri yiga neza iyo agira uruhare mu myigire ye kandi adafata mu mutwe gusa ahubwo agira ibikorwa akora .
2. Agomba kugira ubushobozi mu gusesengura,gushishoza, gusabana no gukora wenyine cyangwa mu matsinda.-----

Uruhare rwa mwarimu

1. Umurezi azareka uburyo bw'imyigishirize ishaje yo kuba ipfundo rya byose ahubwo azabe umwunganizi, age ayobora umunyeshuri mu myigire ye , aha agaciro ibifitiye umunyeshuri akamaro n'ibindi akeneye .
2. Umwarimu areba uburyo bukwiye bwo gutegura ishuri rye, uko yicaza abanyeshuri , uko abatondeka cyangwa abashyira mu matsinda ku buryo buri wese agira uruhare mu bikorwa mu isomo no mu byigisho runaka .
3. Umwarimu ayobora abanyeshuri mu gukoresha neza imfashanyigisho: ibitabo amakarita,amashusho..., mu gukora ubushakashatsi buri ku kigero cyabo, mu kujya impaka, mu buryo bunoze bwo gufata ibitekerezo n'ingingo z'ingenzi z'ibyo bakoze n'uko babigaragariza abandi mu ishuri.
4. Umwigisha arashishikaza, akayobora kandi agakurikirana ibikorwa by'abanyeshuri bose .

5. Umwarimu agomba kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha.
6. Umwarimu yunganira abafite ingorane izo ari zo zose mu myigire yabo Abagenda buhoro, abandika buhoro, abafata mu mutwe batinze, abihuta kurusha abandi, abafite ubumuga bw'ingingo... abategurira imyitozo bashoboye, akanabyitaho mu gutanga imirimo.

Imyigishirize idaheza no kwita ku bafite ibibazo byihariye

1. Imyigishirize y'amasomo mbonezamubano yita ku burezi budaheza hitabwa by'umwihariko ku bana bafite ubumuga bwihariye bw'imikorere y'ingingo z'umubiri, iby'imikorere y'ubwonko cyangwa iby'ukuntu bagaragaza imbamutima zabo.
2. Uruhare rw'ishuri n'urw'umwarimu ni urwo gushaka ibikoresho n'imfashanyigisho byabo byihariye . Ikindi ni uko mu gihe cy'isuzuma nabwo hagomba kwitabwa ku bibazo byabo.

Uko isuzuma rikorwa n'ibigomba kwitabwaho

1. Isuzuma rigomba gushingira ku bushobozi umunyeshuri agakora umwitozo ujyanye

- n'ubuzima bwa buri muni ashyira mu bikorwa ibyo yize.
2. Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye hagamijwe gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye.
3. Ni ngombwa kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukeshya) abanyeshuri bagomba kugeraho muri buri somo.
4. Ni ngombwa gusuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe uherye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe.
5. Ni ngombwa gusuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo.
6. Mu isuzuma ni byiza gukoresha impurirane y'uburyo bukurikira:
 - Kwitegereza,
 - Ibibazo basubiza bandika ,
 - Ibibazo basubiza bavuga.
 - Ibibazo bajyaho impaka
 - Ibibazo bibasaba gukora ubushakashatsi ku rwego rwabo.

Nyuma y'isuzuma ni ngombwa

guha ababyeyi raporo
y'intambwe abanyeshuri
bagenda batera mu myigire
yabo, ubereka uko bagaragaza
ubushobozi bugamijwe n'aho
bafite intege nke hakenewe
gushyirwamo imbaraga.

Imfashanyigisho

Abantu

Kubera ko amasomo
mbonezamubano yigisha
imibereho n'imibanire
y'abantu ndetse n'aho baba,
imfashanyigisho ya mbere
kandi y'ingirakamaro ni abantu
ubwabo n'ibiboneka aho baba.

Ibidukikije

Mwarimu n'abanyeshuri
bifashisha ibidukikije (abantu
n'ibintu) by'aho batuye. Muri byo
dusangamo:

- Abantu b'inararibonye,
amasoko, amazu, ibihingwa,
ibimera, ibiyaga, imigezi
n'inzuzi, misozi, ibibaya,
insengeru, inyamaswa.
- Amatungo, amasomero, insisiro
z'ubuyobozi, amavuriro,
ibitaro, ibigo nderabuzima,
amazu ndangamurage, amazu
y'ubuyobozi, ibyanya (Akagera,
Nyungwe, ibirunga), inganda,
inzuri za kijyambere, ahantu
hakorerwa iby'iteganyagihe,
amashyamba kimeza
inzibutso, ahantu nyaburanga
hanyuranye.

Izindi mfashanyigisho ni:

Ibitabo by'inyigisho, ibitabo
binyuranye, amashusho,
amofoto, amakarita, ibihangano,
ibishushanyo, filimi, videwo,
radiyo, televiziyo, telefoni,
mudasobwa, murandasi...

Urutonde rw'amasomo y'umwaka wa kabiri

Umutwe wa 1: Umuryango

Umutwe wa 2: ishuri,
Umudugudu
n'Akagari

Umutwe wa 3: Isuku

Umutwe wa 4: Indwara

Umutwe wa 5: Imibanire,
imytwarire
iboneye

Umutwe wa 6: Ubukungu

Umutwe wa 7: Ibidukikije

Umutwe wa 8: Ubwikorezi
n'itumanaho.

Umutwe wa 9: Ibintu
by'ingenzi
byaranze
amateka y'aho
atuye n'ay'ishuri
rye.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 1: Umuryango mugari	UMUTWE WA 2: Ishuri, Umudugudu n'Akagari
Umubare w'amasomo	4	16
Intangiriro	Ikiganiro ku bagize umuryango	Ikiganiro ku nshingano z'abanyeshuri
Uko abanyeshuri bicajwe	Ku ruziga cyangwa ku gice cyarwo, mu matsinda .	Ku ruziga cyangwa ku gice cyarwo, mu matsinda
Imfashanyigisho	Amashusho manini agaragaza abagize umuryango mugari	Amashusho manini agaragaza ibiri ku ishuri, ku Mudugudu, mu Kagari.
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	Kwitegereza, kuganira mu matsinda	Kwitegereza , kujya impaka,gukorera mu matsinda
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	Kuvuga neza amasano y'abantu bagize umuryango mugari, gukoresha amagambo yungutse	Uburyo bwiza bwo kuzaza inshingano ze ku ishuri , mu rugo n'aho atuye .Gukunda umurimo.
Imikoreshereze y'ururimi	Gukoresha inyunguramagambo ku masano asobanura neza abo bafitanye isano mu mu muryango we	Gukoresha inyunguramagambo akumvikanisha neza inshingano ze ku ishuri mu rugo n'aho atuye
Inyunguramagambo	Amagambo agaragaza amasano y'abantu bagize umuryango mugari	Amagambo agaragaza inshingano z'abantu n'ibirango by'igihugu
Ubushobozi fatizo	-Ubushishozi n'ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Gushyikirana n'abandi , kujya impaka; guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi ,ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Guhanga udushya - Gushyikirana n'abandi , kujya impaka no guhora yiyungura ubumenyi
Ubumenyi bufasha umunyeshuri kunoza imyigire ye	-Kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye, -Kwandika ibintu bisomeka	Gukora umurimo utunganye
Isubiramo /Imyitozo	Imyitozo ku muryango muto	Isubiramo ku birango by'igihugu
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kutitiranya amasano y'abagize umuryango mugari	Ubushobozi bwo gusobanura inshingano z'umunyeshuri, ibiranga Umudugudu n'Akagari ibigize ibendera ry'u Rwanda
Iby'ingenzi uwigava avanamu isomo	Gusobanukirwa umuryango kugeza kuri sekuruza	Gusobanukirwa inshingano z'umunyeshuri , ibiranga Umudugudu n'Akagari ndetse n'ibigize ibendera ry'u Rwanda

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 3 : Isuku	UMUTWE WA 4: Indwara
Umubare w'amasomo	8	5
Intangiriro	Ikiganiro ku isuku	Ikiganiro ku ndwara, ubushakashatsi aho atuye
Uko abanyeshuri bicajwe	Ku ruziga cyangwa ku gice cyarwo, mu matsinda	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy'uruziga
Imfashanyigisho	Amashusho manini agaragaza uko basukura ibiribwa n'ibinyobwa	Amashusho manini agaragaza uko birinda indwara ziterwa n'umwanda,n'andi yerekana indwara zitandura
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	Kwitegereza, kuganira mu matsinda,kujya impaka	Kwitegereza, kujya impaka, urugendo shuri, ubushakashatsi
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	Gusukura ibiribwa n'ibinyobwa kuvuga no kuvuga amagambo yose afatiye ku isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa	Gusobanura ibyo yakora mu rwego rwo kwirinda indwara zitandura
Imikoreshereze y'ururimi	Gukoresha imvugo yumvikana asobanura uko bakora isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa	Kumvikanisha neza ibitekerezo bye akoresheje amagambo yungutse
Inyunguramagambo	Amagambo afatiye ku isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa	Amagambo afatiye ku ndwara zitandura n'iziterwa n'umwanda
Ubushobozi fatizo	-Ubushishozi ,ubushakashatsi no gukemura ibibazo -Gushyikirana n'abandi no kujya impaka -Guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi ,ubushakashatsi no gukemura ibibazo , guhanga udushya -Gushyikirana n'abandi no kujya impaka; guhora yiyungura ubumenyi
Ubumenyi bufasha umunyeshuri kunoza imyigire ye	Guhorana isuku	Guhorana isuku ku mubiri no ku myambaro
Isubiramo /Imyitozo	Isubiramo ku isuku y'umubiri, ku ishuri no mu rugo	Isubiramo ku ndwara zandura n'izitandura
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kugaragaza isuku y'ibiribwa, ibinyobwa no kwirinda indwara ziterwa no kutabisukura	Ubushobozi bwo kwirinda indwara zitandura
Iby'ingenzi unyeshuri avana mu isomo	Kurangwa n'umuco wo gusukura ibiribwa n'ibinyobwa	Kwirinda indwara zitandura

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 5: Imibanire n' imyitwarire iboneye	UMUTWE WA 6: Ubukungu
Umubare w' amasomo	11	11
Intangiriro	Ikiganiro ku mibanire n' imyitwarire iboneye mu rugo no ku ishuri	Ikiganiro ku mutungo, no ku mikoreshereze y' amafaranga
Uko abanyeshuri bicajwe	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy' uruziga	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy' uruziga
Imfashanyigisho	Amashusho manini agaragaza uburenganzira bw' abana, imyitwarire iboneye n' ubumuga	Amashusho manini agaragaza ibyangombwa nkenerwa mu buzima , uko tubona n' uko dukoresha amafaranga
Ibikorwa by' imyigire n' imyigishirize	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, kujiya impaka, kubaza abakuru	Kwitegereza, kujiya impaka, urugendo shuri, ubushakashatsi
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	Kwirinda guhohotera abandi no kwimakaza amahoro	Umuco wo kuzigama no guha ibintu agaciro kabwo
Imikoreshereze y' ururimi	Kumvikanisha neza ibitekerezo bye akoresheje amagambo yungutse	Kumvikanisha ibitekerezo bye akoresheje amagambo yungutse
Inyunguramagambo	Amagambo afatiye ku mibanire n' imyitwarire iboneye	Amagambo afatiye ku bukungu, ku mafatanga n' umutungo.
Ubushobozi fatizo	- Ubushishozi, ubushakashatsi no - Gukemura ibibazo, guhanga udushya - Gushyikirana n' abandi no kujiya impaka; -Guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo Gushyikirana n' abandi no kujiya impaka no guhora yiyungura ubumenyi
Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire	Kumvira, kubaha no kwitonda	Kurondereza
Isubiramo /Imyitozo	Isubiramo ku kamaro ko kubana mu mahoro, gusangira, gufashanya	Isubiramo ku mutungo w' umuryango
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kugaragaza ibikorwa by' ubupfura, ubushishozi no kubana neza n' abandi	Ubushobozi bwo kugaragaza ibikorwa by' ubupfura, ubushishozi no kudasesagura mu mibereho ye
Iby' ingenzi uwiya avana mu isomo	Kurangwa n' ubupfura, mu mibanire ye n' abandi	Kurangwa no kudasesagura mu buzima bwe

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 7: Ibidukikije	UMUTWE WA 8: Ubwikorezi n'itumanaho
Umubare w'amasomo	11	5
Intangiriro	Ikiganiro ku bigize bidukikije	Ikiganiro ku bwikorezi n'itumanaho
Uko abanyeshuri bicajwe	Ku ruziga , mu matsinda, ku gice cy'uruziga	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy'uruziga
Imfashanyigisho	Amashusho manini agaragaza ibidukikije' ibintu binyuranye biboneka aho ishuri riri	Amashusho manini agaragaza ubwikorezi n'itumanaho, ibintu bifatika biboneka aho ishuri riri
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, kubaza abakuru, gusura ahantu hataganijwe	Kwitegereza, kujya impaka, urugendo shuri, ubushakashatsi
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	Gufata neza ibidukikije no no gukangurira bagenzi be kutabyangiza	Gusobanura akamaro ko gukoresha uko bikwiye ibikoreho by'ubwikorezi n'itumanaho
Imikoreshereze y'ururimi	Kumvikanisha neza ibitekerezo bye akoresheje inyunguramagambo yungutse	Kumvikanisha neza ibitekerezo bye akoresheje inyunguramagambo yungutse
Inyunguramagambo	Amagambo afatiye ku bidukikije	Amagambo afatiye ku bwikorezi n'itumanaho
Ubushobozi fatizo	-Ubushishozi ,ubushakashatsi no gukemura ibibazo, gushyikirana n'abandi no kujya impaka, kubasha guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi ,ubushakashatsi no gukemura ibibazo Gushyikirana n'abandi no kujya impaka;kubasha guhora yiyungura ubumenyi
Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire	Kugira umuco wo kutangiza	Gufata neza ibikoreho n'ibidukikije
Isubiramo /Imyitozo	Isubiramo ku bikikije urugo n'ibikikije ishuri	Isubiramo ku buryo bwo gukoresha neza umuhanda n'uburyo bw'itumanaho
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo, kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije	Ubushobozi bwo gusobanura akamaro k'ubwikorezi n'itumanaho
Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo	Kubasha kwiyobora no kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije	Gusobanukirwa akamaro k'ubwikorezi n'itumanaho.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 9: Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho atuye n'ay'ishuri rye
Umubare w'amasomo	4
Intangiriro	Ikiganiro ku bintu by'ingenzi bikunze kuranga amateka.
Uko abanyeshuri bicajwe	Ku ruziga , mu matsinda , ku gice cy'uruziga
Imfashanyigisho	Amashusho manini agaragaza mateka y'ishuri rye n'aho atuye
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	Kwitgereza, kuganira mu matsinda, kuja impaka, kubaza abakuru, gusura ahantu hateganijwe
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	Kwirinda amateka mabi , guharanira kuba intwari
Imikoreshereze y'ururimi	Kumvikanisha neza ibitekerezo bye akoresheje inyunguramagambo yungutse
Inyunguramagambo	Amagambo afatiye ku mateka yaranze ishuri rye n'aho atuye.
Ubushobozi fatizo	-Ubushishozi , ubushakashatsi no kwikemura ibibazo, gushyikirana n'abandi no kuja impaka, kubasha guhora yiyungura ubumenyi
Ubumenyi bufasha umunyeshuri kunoza imyigire ye	Kugira ishyamba ryo gukora
Isubiramo /Imyitozo	Isubiramo ku mateka y'ingenzi yaranze umuryango wa buri munyeshuri
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kubaririza no gusobanura amateka y'aho atuye n'ay'ishuri rye.
Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo	Gusobanukirwa ibyaranze amateka y'aho atuye n'aho ishuri riri.

11. ITEGANYAMASOMO RY'UMUTWE WA MBERE

Umwaka w'amashuri: 2017

Igihembwe cya mbere

Urwunge rw'amashuri rwa MIBIRIZI

Inyigisho: Amasomo mbonezamubano
Umubare w'amasaha mu cyumweru: 4

Amazina y'umwarimu:

Umwaka wa Kabiri : B

Amatariki	Umutwe 1	Ibyigwa + Isuzuma	Intego + Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Imyigire n'inyigishirize & Uburyo bukoreshwa mu isuzuma	Imfashanyigisho & Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe	Ikitonderwa
Kuva kuwa 23 Mutarama kugeza 27 Mutarama	Umuryango mugari	1. Amasano y'abagize umuryango muto 2. Abana n'ababyeyi 3. Sogokuru, nyogokuru n'abuzukuru 4. Marume, masenge	Ubumenyi : Kurondora abaguze umuryango mugari. Ubumenyigiro: -Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari abishywa n'abisengeneza.	1. Gushyira abanyeshuri mu matsinda 2. Gukora ibiganiro mu matsinda 3. Kwitegereza no kuganira ku mashusho. 4. Kuvumbura amasano ari hagati y'abagize umuryango mugari w'iwabo.	Ibishushanyo bigaragaza umuryango mugari Igitabo cy'umunyeshuri cy'amasomo mbonezamubano Integanyanyigisho y'amasomo mbonezamubano	Impamvu zabuza amasomo gutangirwa igihe, Uko wabyifatamo,.....

<p>Kuva kuwa 30 Mutarama kugeza kuwa 3 Gashyantare 2017</p>		<p>5. Ababyara 6. Sogokuruza ,nyogokuruza n'abuzukuruza 7. Igiti cy'amasano agize umuryango mugari</p>	<p>-Gutandukanya amasano y'abagize umuryango mugari Ubukeshya ; Kurangwa n'urukundo rw'abagize umuryango mugari kwimenya, kubaha no kubaha abandi</p>	<p>5. Gutege amatwi no kubahiriza ibyo yiyemeje</p>	
		<p>Isuzuma ngenzura myitwarire : Rizajya rikorwa nyuma ya buri somo Isuzuma rikomatanya: Hagati y'itariki ya 30 Mutarama n'ya 3 Gashyantare 2017</p>	<p>Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : Gusobanukirwa abagize umuryango mugari kugeza kuri sekuruza.</p>	<p>Ibyo isuzuma ryitaho cyane: 1. Kwitegereza no gusobanura ibyo yitegereje. 2. Kugenzura uruhare rwa buri wese mu myitozo ikorerwa mu matsinda n'iyi bakora ari babiri babiri. 3. Ibibazo basubiza bandika 4. Ibibazo basubiza bavuga. 5. Ibibazo bajyaho impaka 6. Ibibazo bibasaba gukora ubushakashatsi ku rwego rwabo 7. Ibibazo bisaba gusubiza bakoresheje imirimo y'amaboko.</p>	

12. Imbata y'isomo rishingiye ku bushobozi

Urwunge rw'amashuri rwa Mibirizi

Amazina y'umwarimu:

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Ishuri	Umutwe wa 1	Isomo rya 1	Igihe	Umubare w'abanyeshuri
1	23/01/ 2017	Amasomo mbonezamubano	Umwaka wa 1: B	Amasano y'abagize umuryango mugari	Sogokuru, nyogokuru n'abuzukuru	Iminota 40	42
Abana bafite ibibazo byihariye mu myigire n'umubare wabo :abana 2 bafata bitinze , abana 3 bafite ubumuga bw'ingingo , Abana 2 ba b'abahanga kurusha abandi (bafata vuba cyane)							
Umutwe Amasano y'abagize umuryango mugari							
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe Gusobanukirwa abagize umuryango mugari kugeza kuri sekuruza.							
Isomo Sogokuru, nyogokuru n'abuzukuru							
Intego yihariye y'isomo Nyuma y'iri somo umunyeshuri , ahereye ku giti cy'amasano,azaba ashobora gusobanura isano iri hagati ye n'ababyeyi ba se n'ababyeyi ba nyina ntawe abajije kandi abisobanura atajijanyanya							
Aho isomo isomo ritangirwa Mu ishuri							
Imfashanyigisho Ibushanyo bigaragaza abagize umuryango mugari							
Ibitabo byifashishijwe Igitabo cy'umunyeshuri cy'amasomo mbonezamubano umwaka wa 2 n'integanyanyigisho y'amasomo mbonezamubano ikicro cya mbere cy'amashuri abanza.							
Igihe buri gice k'isomo kizamara Imyigire n'imyigishirize Ubushobozi fatizo n'ubundi bushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo + Ubumenyi nsanganyamasomo .							

Intangiriro: Iminota 5	<p>Ibikorwa by'umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> -Gushyira abanyeshuri mu matsinda nirinda gushyira mu itsinda rimwe ba bana bafite ibibazo byihariye mu myigire. - Kubasobanurira igikorwa bagiyeye gukora -Kuyobora abanyeshuri bakitegereza mashusho y'abagize umuryango mugari ari mu bitabo byabo ndetse bakamayaganiraho. 	<p>Ibikorwa by'umunyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kujya mu matsinda buri wese yashyizwemo no kubahiriza amabwiriza bahawe na mwarimu. - Gutega amatwi bakumwa ibyo bagiyeye gukora byaba bidasobanutse bakabisobanura mbere yo gutangira igikorwa bahawe. -Kwitgereza no kuganira ku mashusho y'abagize umuryango mugari. 	<p>Ubushobozi fatizo n'ubundi bushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gushishoza mbere yo gusubiza ibibazo abajijwe. - Kuvuga neza adategwa mu gusubiza - Gushakasha <p>Ubumenyi nsanganyamasomo</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu gukorera mu matsinda.
Isomo nyirizina: Iminota 30	<p>Ibikorwa by'umwarimu</p> <ul style="list-style-type: none"> - Guha buri tsinda umwanya wo kuvuga ibyo bitegereje ku mashusho. ha umwanya bamwe muri ba bana bafite ibibazo byihariye mu myigire (Abafata bitinze, Abafite ubumuga bw'ingingo n' abana ba bahanga kurusha abandi)nabo bakavugaga ibyo babonye kugira ngo ngenzure ko bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu matsinda barimo. - Abafata bitinze bategurire imyitozo yoroshye - Abafite ubumuga bw'ingingo nzabanza umunye izo ari zo maze umenye imyitozo mbagera uko izaba imeze kuri buri wese. - Abahanga nزابaha kuyobora amatsinda nimbona nta musaruro bitanga mbahe imyitozo yabo ariko ikomeye kurusha iy'abandi. 	<p>Ibikorwa by'umunyeshuri</p> <ul style="list-style-type: none"> -Kuvuga amasano abantu bari ku mashusho bafitanye. Kugereranya amasano y'abagize umuryango ari ku mashusho bitegereje n'ayo basanzwe bazi mu miryango yabo. 	<p>Ubushobozi fatizo n'ubundi bushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</p> <ul style="list-style-type: none"> -Gushyira mu bikorwa amabwiriza ahawe -Gushyikirana n'abandi <p>Ubumenyi nsanganyamasomo</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu gukorera mu matsinda. - Guha agaciro abafite imbogamizi mu myigire - Gukorana mu mahoro , kubahana no gufashanya haba mu mirimo bahawe , mu bikorwa binyuranye no mu buzima bwo ku ishuri no mu rugo.

	<p>-Guha abanyeshuri bazi amazina ya basekuru na banyirakuru babo umwanya bakabwirira bagenzi babo ndetse ugashishikariza abatabazi kuza kubabaza ababyeyi babo.</p> <p>-Gusaba abanyeshuri bese gushimira ababashije kuvuga amazina ya basekuru na banyirakuru babo.</p>	<p>-Kujya kuvuga imbere y'abandi banyeshuri amazina ya basekuru na banyirakuru babo.</p> <p>-Gushimira bagenzi bawe no kuza kubaza ababyeyi amazina ya banyirakuru na ba sekuru ku batabazi.</p>	
<p>Umwanzuro: Iminota 5</p>	<p>-Guha abanyeshuri ibibazo bibafasha gutanga ingingo z'ingenzi z'ikigwa (Amasano y'abagize umuryango mugari.)</p> <p>-Kubaha indi myitotozo yo kuvuga amazina ya basekuru na banyirakuru.</p> <p>-Kubaha umukoro wo kugenda bakaganira n'ababyeyi bakababaza amazina ya basekuru na banyirakuru byaba ngombwa baba babafite bagasaba uruhushya rwo kujya kubasura .</p> <p>-Kubasaba kutabagirwa ibyo bize.</p>	<p>-Gusubiza ibibazo ku ngingo z'ingenzi z'isomo bamaze kwiga.</p> <p>-Gukora imyitotozo ku giti ke no kugira uruhare mu ikosora rusange ku kibaho.</p> <p>-Gutahana umukoro no kuwukora neza yubahiriza amabwiriza yahawe n'umwarimu.</p> <p>-Gusubiramo isomo ryizwe n'imyitotozo yakozwe mu ishuri.</p>	<p>Ubushobozi fatizo n'ubundi bushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</p> <ul style="list-style-type: none"> -Gushyira mu bikorwa amabwiriza ahawe -Gushyikirana n'ababyeyi -Ubushakashatsi -Kwikemurira ibibazo -Guhora yiyibutsa ibyo yize <p>Ubumenyi nsanganyamasomo</p> <p>Kubaha no kubahana ibyo abigeraho mu gihe atega amatwi amabwiriza ahabwa, yumvira kandi ayashyira mu bikorwa</p>
<p>Isuzuma umwarimu yikorera ubwe</p>	<p>Umwarimu ashingiye ku bikorwa by'abanyeshuri n'isuzuma ngenyanyamwari amenyi niba isomo ryagenze neza cyangwa nabi , yasanga ritagenze neza agafata ingamba zo gukosora ibyaba bitagenze neza.</p> <p>Hanyuma agashima abanyeshuri be mu rwego rwo kubashishikariza kugira ishyamba no kwiga babikunze .</p>		

1.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 1

Umubare	Amasomo
1	Umuryango muto
2	Umuryango mugari ugizwe n’abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru
3	Umuryango mugari ugizwe n’abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wa bo, ba nyina wa bo na babyara babo
4	Umuryango mugari ugizwe n’abana , ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wa bo, ba nyina wa bo, babyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.
Igiteranyo	4

Isomo rya mbere:

Umuryango muto

(urup: 1 mu gitabo cy’umunyeshuri)

Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe:

Gusobanukirwa abagize umuryango muto abamo

Intego z’isomo

Ubumenyi

- Kurondora abagize umuryango muto abamo.

Ubumenyigiro

Gushushanya igiti cy’amasano y’umuryango muto

Gutandukanya amasano y’abagize umuryango muto

Ubukeshya

Kurangwa n’urukundo rw’abagize umuryango muto

Kwimenya, kubaha no kubahana.

Imfashanyigisho

- Ibishushanyo bigaragaza umuryango muto.
- Abantu bagize umuryango we

Imvano

- Igitabo cy’umunyeshuri, icy’umwarimu n’integanyanyigisho by’amasomo mboze zamubano.

Ibice by’isomo

Ivumburamatsiko

- Gutegura aho isomo ribera n’ibikoresho byose biza

gukenerwa mu kugaragaza abagize umuryango muto n'amasano yabo

- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga amazina y'abagize umuryango muto.
- Abanyeshuri bagaragaza amasano y'abagize umuryango muto.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza amasano y'abagize umuryango muto
- *Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gushushanya igiti cy'amasano y'abagize umuryango muto*
- *Kumenya kuyobora ibikorwa byose byo mu isomo yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.*
- *Gukangurira abanyeshuri kugira ubushishozi mu byo bakora byose no kugira umuco wo kunoza ibyo bakora.*
- *Gukoresha neza imfashanyigisho.*
- *Kuyobora neza ibiganiro mu matsinda afasha abanyeshuri gukora ibikorwa byo kwitegereza amashusho agaragaza abagize umuryango muto.*

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza amashusho yerekana abagize umuryango

muto

- Kuganira , kujya impaka no kurondora abagize umuryango muto
- Gukora imyitozo yo gusobanura amasano y' abagize umuryango muto.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Kuvuga neza bigaragazwa n'uko asobanura amasano atayitiranya

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Umuco w'amahoro :*
Azawurebera mu buryo abanyeshuri bumvira kandi mu bubaha buri wese uko bikwiye no mu byo basabwa gukora. Abibonera kandi mu mbamutima berekana iyo bavuga abagize umuryango..
- *Uburezi budaheza :* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye .
Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere,

byanashoboka agakoresha
imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

Imyitozo y'inyongera

Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango muto yihimbiye

Umukoro

- Kuganira na bagenzi be bigana ku masano y'abagize umuryango wabo.
- Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango we ashiraho amazina y'abawugize.

Isomo rya kabiri: Umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru

*(urup. rwa 2 mu gitabo
cy'umunyeshuri)*

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Kumenya amasano y'abagize umuryango mugari we abamo

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kurondora abagize umuryango mugari abamo yihereyeho we n'abo bavukana, ababyeyi be, ba sekuru na ba nyirakuru.

Ubumenyigiro

Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari kiriho abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru.

Gutandukanya amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi babo, sogokuru na nyogokuru.

Ubukesho

Kurangwa n'urukundo rw'abagize umuryango mugari Kwimenya, no kubahana.

Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

- Gutegura aho isomo ribera n' ibikoresho byose biza gukenerwa mu kugaragaza abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru.
- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga amazina y'abagize umuryango mugari bahereye ku mazina yabo, ay'abana bavukana, ay'ababyeyi babo, aya ba

sekuru n'aya ba nyirakuru.

- Abanyeshuri bagaragaza amasano y'abagize umuryango mugari.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza amasano y'abagize umuryango mugari.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gushushanya igiti cy'amasano y'abagize umuryango mugari.
- Kubayobora bagakora imyitoto yo kwitegereza amashusho agaragaza abagize umuryango mugari.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza amashusho yerekana abagize umuryango mugari
- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora abagize umuryango mugari.
- Gukora imyitoto yo gusobanura amasano y' abagize umuryango mugari.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Kuvuga neza bigaragazwa n'uko asobanura amasano atayitiranya.

Ubumenyi bw'inyongera mwarimu asabwa kugira:

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Umuco w'amahoro* :
Azawurebera mu buryo abanyeshuri bumvira kandi mu bubaha buri wese uko bikwiye no mu byo basabwa gukora. Abibonera kandi mu mbamutima berekana iyo bavuga abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru.
- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye .
Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatwama neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburyinire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba

Imyitoto y'inyongera

Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru yongera umubare w'abawugize.

Umukoro

- Kuganira na bagenzi be bigana ku masano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru
- Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari abamo ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru.

Isomo rya gatatu:

Umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo na babyara babo.
(urup. rwa 3-4 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanukirwa amasano y'abagize umuryango mugari abamo

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kurondora abagize umuryango mugari abamo yihereyeho we n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo na babyara babo

Ubumenyigiro

- Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari kiriho we n'abo bavukana, ababyeyi babo, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge,

ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara babo.

- Gutandukanya amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

Ubukasha

- Kurangwa n'urukundo rw'abagize umuryango mugari
- Kwimenya, no kubahana.

Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho by'amasomo mboze zamubano.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

- Gutegura aho isomo ribera n'ibikoresho byose biza gukenerwa mu kugaragaza abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara
- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga amazina

y'abagize umuryango mugari bihereyeho, ababyeyi babo, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

- Abanyeshuri bagaragaza amasano y'abagize umuryango mugari.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gushushanya igiti cy'amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.
- Kubayobora bagakora imyitoto yo kwitegereza amashusho agaragaza abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza amashusho yerekana abagize umuryango

mugari ugizwe n' n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.
- Gukora imyitoto yo gusobanura amasano y' abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara .

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Kuvuga neza bigaragazwa n'uko asobanura yumvikanisha amasano atayitiranya.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa **ubumenyi nsanganyamasomo** buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Umuco w'amahoro* : Azawurebera mu buryo abanyeshuri bumvira kandi mu bubaha buri wese uko bikwiye no mu byo basabwa gukora. Abibonera kandi mu mbamutima berekana iyo bavuga abagize umuryango mugari : abana, ababyeyi,

sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo.

Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye .

Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatamva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburunganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

Imyitozo y'inyongera

Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

Umukoro

- Kuganira na bagenzi be bigana ku masano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru , ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

- Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari abamo ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru , ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo n'ababyara.

Isomo rya kane:

(urup. rwa 5 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- **Umuryango mugari** ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, ababyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.

Ubushobozi bw'ingenzi

bugamijwe:

Gusobanukirwa amasano y'abagize umuryango mugari abamo ugizwe n'abana, ababyeyi, ba sogokuru, ba nyirakuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.

Intego z'isomo

Ubumenyi

- Kurondora abagize umuryango mugari abamo yihereyeho we n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.

Ubumenyigiro

- Gushushanya igiti cy'amasano

y'umuryango mugari kiriho we n'abo bavukana, ababyeyi babo, ba sogokuru, ba nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na ba sekuruza.

- Gutandukanya amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, ba sogokuru, ba nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na ba sogokuruza.

Ubukeshya

- Kurangwa n'urukundo rw'abagize umuryango mugari
- Kwimenya, no kubahana.

Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi babo, ba sogokuru, ba nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na ba sekuruza.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

- Gutegura aho isomo ribera n' ibikoresho byose biza gukenerwa mu kugaragaza

abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi babo, ba sogokuru, ba nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sogokuruza na ba nyogokuruza.

- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga amazina y'abagize umuryango mugari bihereyeho, ababyeyi babo, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo,ba sogokuruza na ba nyogokuruza.
- Abanyeshuri bagaragaza amasano y'abagize umuryango mugari babamo ugizwe n'abana, ababyeyi babo, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo,ba sogokuruza na ba nyogokuruza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na ba sogokuruza.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gushushanya igiti cy'amasano y'abagize umuryango mugari ugizwe

n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na basekuruza.

- Kubayobora bagakora imyitotozo yo kwitegereza amashusho agaragaza abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na basekuruza.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza amashusho yerekana abagize umuryango mugari ugizwe n' abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na ba sogokuruza.
- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.
- Gukora imyitotozo yo gusobanura amasano y' abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Kuvuga neza atajijinganya bigaragazwa n'uko asobanura amasano atayitiranya.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa **ubumenyi nsanganyamasomo** buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Umuco w'amahoro* : Azawurebera mu buryo abanyeshuri bumvira kandi mu bubaha buri wese uko bikwiye no mu byo basabwa gukora. Abibonera kandi mu mbamutima berekana iyo bavuga abagize umuryango mugari : abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru , ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sogokuruza na ba nyirakuruza.
- *Uburezi budakomeye* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitotozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitotozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatamva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo

Imyitozo y'inyongera

- Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo babyara babo, ba nyirakuruza na ba sekuruza.

Umukoro

- Kuganira na bagenzi be bigana ku masano y'abagize umuryango mugari ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba sekuruza na ba nyirakuruza.
- Gushushanya igiti cy'amasano y'umuryango mugari abamo ugizwe n'abana, ababyeyi, sogokuru, nyogokuru, ba nyirarume, ba nyirasenge, ba se wabo, ba nyina wabo, babyara babo, ba nyirakuruza na ba sekuruza.

1.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO YO MU MUTWE WA 1:

(Urupapuro rwa 6)

1. Uzuzwa ukoresheje izina ry'amasano

- a) *Umwana uhera abandi bose mu muryango ni bucura*

- b) *Mukuru wa nyoko ni nyoko wanyu*
- c) *Wowe uriumwishywa. wa nyokorume*
- e) *Uri bumwisengeneza wa nyogosenge*

2. Subiza

- a) *Upfana iki n'abana ba nyogosenge ? Ni babyara bange*
- b) *Upfana iki n'abana ba nyokorume ? Ni babyara bange*
- c) *Upfana iki n'umugabo wa nyogokuru wawe? Ni sogokuru*
- d) *Upfana iki n'umugore wa sogokuru wawe? Ni nyogokuru*
- e) *Upfana iki n'umugabo wa nyogokuruza wawe? Ni sogokuruza*
- f) *Upfana iki n'umugore wa sogokuruza wawe? Ni nyogokuruza*

1.3. IBISUBIZO BY'ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA1 ku

(Urupapuro rwa 7 n'urwa 8)

1. Uzurisha ijambo ribura

- a. *Ababyeyi babyara data ni nyogokuru na sogokuru.*
- b. *Umwana wavutse mbere y'abandi bamwita imfura / uburiza .*
- c. *Umwana uhera abandi bamwita bucura / umuhererezi*

d. Abana b'umwana wa sogokuru na nyogokuru ni abuzukuru

e. Umwana wa kabiri bamwita ikirondamfura /ubuheta

2. Sobanura amasano ari hagati yawe na:

a. Nyokorume : ndi umwishya we

b. Nyogosenge : ndi umwisengeneza we

c. So wanyu : ndi umwana we

d. Nyoko wanyu : ndi umwana we

e. Sogokuruza : ndi umwuzukuruza we

f. Nyogokuruza : ndi umwuzukuruza we

3. Sobanura amagambo akurikira

a. Umwishywa : ni umwana ubereye nyirarume

b. Umwisengeneza : umwana ubereye nyirasenge

c. Umwuzukuruza : umwana w;umwuzukuru wawe

4. Upfana iki n'abantu bakurikira ?

a. Mushiki wa so: *Masenge*

b. Mukuru wa so: *Data wacu*

c. Se wa so cyangwa wa nyoko: *Sogokuru*

d. Nyina wa so cyangwa wa nyoko: *Nyogokuru*

e. Musaza wa nyoko: *Marume*

f. Murumuna wa nyoko: *Mama wacu*

g. Abana ba nyokorume: *Babyara bawe*

h. Abana ba nyogosenge: *Babyara*

bawe

i. Abana ba mushiki wawe: *Bishywa bawe*

j. Abana ba musaza wawe: *Abisengeneza bawe*

5. Huza ibisobanura kimwe

1) c 4) f 7) i 10) d

2) h 5) b 8) k 11) e

3) a 6) g 9) j

6. Subiza

a. **Upfana iki n'abana ba nyogosenge** “ *Ni babyara bange*

b. **Upfana iki n'abana ba nyokorume ?** *Ni babyara bange*

c. **Upfana iki n'umugabo wa nyogokuru wawe?** *Ni sogokuru*

d. **Upfana iki n'umugore wa sogokuru wawe?** *Ni nyogokuru*

e. **Upfana iki n'umugabo wa nyogokuruza wawe?** *Ni sogokuruza*

f. **Upfana iki n'umugore wa sogokuruza wawe ?** *Ni nyogokuruza*

7. Uzurisha ijambo ribura

a. Umuryango muto ugizwe n'ababyeyi n'abana gusa

b. Umuryango utari muto uba ari mugari

2.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 2

Umubare	Amasomo
1	Inshingano z'abanyeshuri ku ishuri no mu rugo
2	Ibyiza byo kuzuza inshingano n'ibibi byo kutuzuzza inshingano mu rugo no ku ishuri
3	Ibendera ry'igihugu cy'u Rwanda
4	Ibiranga umudugudu n'uburyo bwo kubyitaho
5	Abayobozi b'Umudugudu n'inshingano zabo
6	Ibiranga Akagari n'uburyo bwo kubyitaho
7	Abayobozi b'Akagari n'inshingano zabo
Igiteranyo	7

Isomo rya mbere inshingano z'abanyeshuri ku ishuri no mu rugo

(urup. rwa 9 -10 mu gitabo
cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanukirwa n'inshingano
z'umunyeshuri mu rugo no ku
ishuri

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kurondora inshingano
z'abanyeshuri mu rugo no ku
ishuri.

Ubumenyingiro

- Kuzuza neza inshingano
z'abanyeshuri mu rugo no ku

ishuri

Ubukeshya

- Kubaha abayobozi n'amategeko
y'ishuri no kubana neza
n'abandi mu rugo no ku ishuri.

Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza
abanyeshuri bari kuzuza
inshingano zabo mu rugo no ku
ishuri.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho by'amasomo
mbozezamubano.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

- Gutegura aho isomo ribera

n'ibikoresho byose biza
gukenerwa mu kugaragaza
abagize inshingano
z'abanyeshuri ku ishuri no mu
rugo

- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga ibyo bemerewe gukora n'ibyo batemerewe gukora mu rugo no ku ishuri
- Abanyeshuri bagaragaza inshingano zabo mu rugo no ku ishuri ndetse basobanure n'uko bazubahiriza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza uko buzuzura inshingano zabo.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza amashusho agaragaza abanyeshuri bari kuzuzura inshingano zabo ku ishuri no mu rugo.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura inshingano zabo ku ishuri no mu rugo

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza amashusho yerekana abanyeshuri bari kuzuzura inshingano zabo ku ishuri no mu rugo.
- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora uko buzuzura inshingano zabo.
- Gukora imyitozo yo gusobanura inshingano zabo ku ishuri no mu rugo.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Gufashanya, kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye no kuzuzura inshingano ze uko bikwiye mu rugo no ku ishuri.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragarira mu kuntu abanyeshuri babibungabunga kandi birinda kubyangiza nka zimwe mu nshingano zabo.
- *Uburezi budaheza :* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatamva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w'amahoro:* ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na

buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitozo y'inyongera

Kurondora inshingano zabo ku ishuri no mu rugo no gusobanura uko buri wese yuzuzura inshingano ze.

Umukoro

- Kuganira na bagenzi be bigana ku nshingano z'umunyeshuri ku ishuri bigaho no kwisuzuma bagasobanura uko bazuzuzura.
- Kuganira n'ababyeyi bakabasobanurira inshingano bafite mu rugo no kubasaba bakababwira niba koko buzuzura inshingano zabo .Kubasaba no kubagira inama kugira ngo bage bazuzuzura neza.

Isomo rya kabiri : Ibyiza byo kuzuzura inshingano n'ibibi byo kutuzuzura inshingano mu rugo no ku ishuri

(urup. rwa 11-14 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanukirwa n'ibyiza byo kuzuzura inshingano z'umunyeshuri mu rugo no ku ishuri, n'ibibi byo kutazuzuzura.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kurondora ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo

kutazuzuzura.

Ubumenyigiro

Kuzuzura neza inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri.

Ubukeshya

Kurangwa n'umuco wo kubahiriza inshingano mu rugo no ku ishuri.

Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzuzura.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavugaga ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzuzura, bitegereje amashusho abigaragaza .

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzuzura.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza amashusho

agaragaza ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzura.

- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzura.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzura
- Gukora imyitoto kuri iyo nsanganyamatsiko.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Gufashanya mu gihe yuzuzura inshingano ze uko bikwiye mu rugo no ku ishuri.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragarira mu kuntu abanyeshuri babibungabunga kandi birinda kubyangiza nka zimwe mu nshingano zabo.
- *Uburezi budaheza :* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo.

Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye .

Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburunganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w'amahoro:* ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitoto y'inyongera

Kwitegereza aho banyura , aho baba ko nta bintu babona bigaragaza ibyiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzura .

Umukoro

Kuganira na bagenzi be bigana ku byiza byo kuzuzura inshingano z'abanyeshuri mu rugo no ku ishuri n'ibibi byo kutazuzura kwisuzuma buri wese akavuga ibimwerekeyeho.

Isomo rya 3: Ibendera ry'Igihugu cy'u Rwanda

(urup. rwa 15 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Gushushanya ibendera ry'u Rwanda no gutanga ibisobanuro by'ibirigize

Intego

Ubumenyi :

Kurondora amabara agize ibendera ry'u Rwanda

Ubumenyingiro :

Gushushanya amabara agize ibendera ry'Igihugu cy'u Rwanda no gusobanura icyo amabara avuga

Ubukeshya :

Kurangwa n'umuco wo kubaha no kubahiriza ibirango by'igihugu

Imfashanyigisho:

Ibendera ry'Igihugu cy'u Rwanda, igishushanyo kiriho ibendera

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Igikorwa : kujya hanze y'ishuri bakitegereza ibendera ry'u Rwanda

Ibibazo biganisha ku Ibendera ry'Igihugu cy'u Rwanda

Urugero:

- Ibendera ry'u Rwanda rigizwe n'amabara angaha? Ni atatu ; ubururu, umuhondo n'icyatsi kibisi n'izuba
- Nta handi hantu mujya mubona hazamuye ibendera ? Ku bigo bya leta
- Iyo abantu baririmba indirimbo yubahiriza igihugu imbere y'ibendera baba bifashe gute ? Baba bahagaze bifashe neza . Babyita kuryubahiriza.

ibikorwa by'umwarimu

- Asaba abanyeshuri kwitegereza neza ibendera ry'igihugu , bakarishushanya bubahiriza amabara yaryo uko akurikirana, bagashyiraho n'izuba.
- Abaha amabwiriza y'uburyo bakoramo igikorwa cyo gushushanya,igihe bari bukoreshye maze akagenzura ko babikora neza.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Bakurikiza amabwiriza y'umwarimu bagashushanya ibendera ry' Igihugu neza bubahiriza uko amabara akurikirana, n'ibiriho byose.
- Buri wese yereka abandi uko yashushanyije, bakagereranya ibyo bakoze.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye ,kwitegereza no gufatanya n'abandi mu

kubaha ibirango by'Igihugu bigaragarira mu kuntu bitwara imbere y'ibendera ry'Igihugu aho barisanze hose.

Ubumenyi bw'inyongera buhabwa umwarimu:

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburunganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitozo y'inyongera

Buri wese ashushanya neza ibendera ry'Igihugu cy'u Rwanda

atarireba hanyuma akamurika igishushanyo ke.

Umukoro

Gushaka ahantu haba hari andi mabendera afite amabara asa n'ay'ibendera ry'u Rwanda. bakavuga ikiyatandukanya,

Isomo rya 4 Ibiranga Umudugudu n'uburyo bwo kubyitaho

(urup. rwa 16-17 mu gitabo cy'umunyeshuri):

Ubushobozi bw'ingenzi bugamije :

Gusobanukirwa ibiranga Umudugudu n'uburyo bunyuranye bwo kubyitaho

Intego

Ubumenyi :

Kurondora ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu n'uburyo butandukanye bwo kubyitaho

Ubumenyigiro:

Gutandukanya ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .

Ubukeshya :

Kunezezwa n'ibiranga Umudugudu no kurangwa n'umuco wo kubyitaho no kutabyangiza.

Imfashanyigisho :

amashusho, amafoto, ariho ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu n'ukuntu

babyitaho

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n' integanyanyigisho
by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'ingenzi bigize isomo Ivumburamatsiko

- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu. Basobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho ; bitegereje amashusho n'amafoto abigaragaza, bamaze no kubiganiraho. Bashobora no kubisura aho biri.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka cyangwa gusura ibikorwa by'ingenzi mu mudugudu
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora ibintu

by'ingenzi biranga Umudugudu no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .

- Gukora imyitozo kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Gukoresha neza imvugo isobanutse no kwitegerezanya ubushishozi mu gutandukanya ibiranga Umudugudu byose n'ibiranga Akagari

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragarira mu kuntu abanyeshuri birinda kwangiza ibiranga Umudugudu n'Akagari batuyemo n'aho biga.
- *Uburezi budaheza :* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburiringanire:* Bugaragazwa

n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo

- *Umuco w'amahoro:* ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusabwa kuganira ku bintu biranga Umudugudu batuyemo bakabigereranya n'ibiranga uwo ishuri ryubatsemo .

Umukoro

Kuganira n'ababyeyi babo ku bintu biranga Umudugudu wabo n'uko babyitaho bakaza kubiganirira bagenzi babo .

Isomo rya 5: Abayobozi b'Umudugudu n'inshingano zabo

(urup. rwa 19-22 mu gitabo cy'umunyeshuri):

Ubushobozi bw'ingenzi bugamije :

Gusobanukirwa abayobozi b'Umudugudu n'inshingano za buri wese.

Intego

Ubumenyi : Kurondora abagize komite nyobozi y'Umudugudu n'inshingano zabo

Ubumenyigiro:

Gutandukanya abagize komite nyobozi y'Umudugudu no gusobanura inshingano zabo.

Ubukeshya :

Kubaha abayobozi b'Umudugudu no kubiyambaza.

Imfashanyigisho :

Amashusho, amafoto, ariho ibijyanye abagize komite nyobozi y'Umudugudu n'inshingano zabo.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mboze zamubano.

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n' amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza abagize komite nyobozi y'umudugudu n'inshingano zabo.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka cyangwa gusura abagize komite nyobozi y'Umudugudu n'inshingano zabo.

- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha Gutandukanya abagize komite nyobozi y’Umudugudu no gusobanura inshingano zabo.

Ibikorwa by’umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora abagize komite nyobozi y’Umudugudu n’inshingano zabo.
- Gukora imyitoto kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Gusobanura ku buryo bwumvikana akamaro k’ubuyobozi agaragaza inshingano zabwo

Ubumenyi bw’inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n’uko bugerwaho:

- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragarira mu kuntu abanyeshuri babibungabunga kandi birinda kubyangiza nka zimwe mu nshingano zabo.
- *Uburezi budaheza :* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y’inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho

ku buryo bw’umwihariko , abatumva neza n’abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburyanire:* Bugaragazwa n’ukuntu abahungu n’abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n’ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w’amahoro:* ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitoto y’inyongera

Uretse imyitoto iri mu gitabo cy’umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusabwa kuganira ku nshingano z’abagize komite nyobozi ku buryo bw’umwihariko .

Umukoro

Kuganira n’ababyeyi babo abagize komite nyobozi y’Umudugudu n’inshingano zabo.

Isomo rya 6: Ibiranga Akagari n’uburyo bwo kubyitaho

(urup. rwa 23-24 mu gitabo cy’umunyeshuri):

Ubushobozi bw’ingenzi bugamije :

Gusobanukirwa ibiranga Akagari n’uburyo bunyuranye

bwo kubyitaho

Intego

Ubumenyi : kurondora ibintu by'ingenzi biranga Akagari n'uburyo butandukanye bwo kubyitaho

Ubumenyigiro:

Gutandukanya ibintu by'ingenzi biranga Akagari no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .

Ubukeshya :

Kunezezwa n'ibiranga Akagari no kurangwa n'umuco wo kubyitaho no kutabyangiza.

Imfashanyigisho :

Amashusho, amafoto, ariho ibintu by'ingenzi biranga Akagari n'ukuntu babyitaho

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bavuga ibintu by'ingenzi biranga Akagari Basobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho ; bitegereje amashusho n'amafoto abigaragaza, bamaze no kubiganiraho. Bashobora no kubisura aho biri.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza ibintu by'ingenzi biranga Akagari no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka cyangwa gusura ibikorwa by'ingenzi mu mudugudu
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ibintu by'ingenzi biranga Akagari no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora ibintu by'ingenzi biranga Akagari no gusobanura uburyo butandukanye bwo kubyitaho .
- Gukora imyitozo kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Gukoresha neza imvugo isobanutse no kwitegerezanya ubushishozi mu gutandukanya ibiranga Akagari byose

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa **ubumenyi nsanganyamasomo** buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragarira mu kuntu abanyeshuri birinda kwangiza

ibiranga Akagari n' Akagari batuyemo n' aho biga.

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n' abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburunganire*: Bugaragazwa n' ukuntu abahungu n' abakobwa bakorana mu matsinda , mu bindi bikorwa n' ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w' amahoro*: ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitoto y'inyongera

Uretse imyitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusabwa kuganira ku bintu biranga Akagari batuyemo bakabigereranya n'ibiranga Akagari ishuri ryubatsemo .

Umukoro

Kuganira n' ababyeyi babo ku bintu biranga Akagari wabo n' uko babyitaho bakaza

kubiganirira bagenzi babo .

Isomo rya 7: Abayobozi b' Akagari n' inshingano zabo

(urup. rwa 26-27 mu gitabo cy'umunyeshuri):

Ubushobozi bw'ingenzi bugamije :

Gusobanukirwa abayobozi b' Akagari n' inshingano za bo.

Intego

Ubumenyi :

Kurondora abagize komite nyobozi y' Akagari n' inshingano zabo

Ubumenyigiro:

- Gutandukanya abagize komite nyobozi y' Akagarino
- Gusobanura inshingano zabo.

Ubukeshya :

Kubaha abayobozi b' Akagari no kubiyambaza.

Imfashanyigisho :

Amashusho, amafoto, ariho abagize komite nyobozi y' Akagari n' inshingano zabo.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by' amasomo mbozezamubano.

Ibice by'ingenzi bigize isomo Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira

insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza abagize komite nyobozi y'Akagari n'inshingano zabo.
- Kubayobora bagakora imyitotozo yo kwitegereza , kujya impaka cyangwa gusura abagize komite nyobozi y'Akagari no ku birebana n' inshingano zabo.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora abagize komite nyobozi y'Akagari n'inshingano zabo.
- Gukora imyitotozo kuri iyo nsanganyamatsiko.

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Gusobanura ku buryo bwumvikana akamaro k'ubuyobozi agaragaza inshingano zabwo.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitotozo

y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitotozo iringaniye .

Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatunva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburiringanire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa no kubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi birinda urugomo.

Imyitotozo y'inyongera

- Uretse imyitotozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusabwa kuganira ku nshingano z'abagize komite nyobozi ku buryo bw'umwihariko .
- Kubaza amazina y'abagize Komite nyobozi y'akagari ishuri rurimo.

Umukoro

Kuganira n'ababyeyi babo ku bagize komite nyobozi y'Akagari n'inshingano zabo.

2.2. IBISUBIZO BY'IMYITOTOZO YO KU MUTWE WA 2

Urupapuro rwa 10

1. Sobanura amategeko

y'ishuri n'uko uyakurikiza

- kudakererwa , kwambara umwenda w'ishuri,
- kubahiriza ingengabihe, kugira isuku no kubungabunga ibidukikije
- kugira ikinyabupfura nubaha abarezi na bagenzi bange

2. Tanga ingero z'ibyo ukora ku ishuri

- Gusukura ishuri, ibikoresho n'ahakikije ishuri

3. Ni utuhe turimo wemerewe gukora iwanyu mu rugo?

Kuvoma, gusukura ibikoresho nshoboye, kwandurura, kubika ibintu neza, gusasa no gutumwa hafi.

4. Kwiga neza ni inshingano zawe. Ese ubikora uko bikwiye? Sobanura

Yego kuko ngomba kwiga mbishyizeho umwete kugira ngo nzigirire

Akamaro kandi nkagirire n'abandi.

Igisubizo cy'umwitozo wo ku rupapuro rwa 11 mu gitabo cy'umunyeshuri

Vuga ikintu kiza cyakubayeho wujuje inshingano zawe ku ishuri. Sobanura uko byagenze

Nize neza cyane , ndatsinda mba uwa mbere.

Bishimisha ababyeyi , abarezi bange n'abo tubana bose barabimpembera . Nange biranshimisha niyemeza guhora

nkora neza.

Ibisubizo byumwitozo wo ku rupapuro rwa 12 mu gitabo cy'umunyeshuri

Haba hari ibyiza wabonye byo kuzuza inshingano ku ishuri no mu rugo? Yego

- a) **Ni ibihe ?** Bishimisha ababyeyi n'abo tubana na bo bakabinkundira kandi bakabinshimira. Turafashanya twese

- b) **Hari icyo byakumariye?**

Byaranejeje kandi binyereka ko hari ibyo nange nshoboye gukora .

- c) **Guhera ubu se ugiye kujya ubigenza ute ngo uzabone ibyiza byinshi?**

Nzajya nuzuza neza inshingano zange, mfashe n'abandi uko nshoboye kuzuza inshingano zabo. Nzajya nibwiriza gukora.

Ibisubizo by'imyitozo yo ku rupapuro rwa 16 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Tanga ingero 4 z'ibintu by'ingenzi biranga Umudugudu ishuri ryubatsemo**

Biterwa n'imidugudu

2. **Ni ibihe bintu biranga umudugudu ishuri ryanyu ryubatsemo bitaboneka mu Mudugudu mutuyemo.**

Biterwa n'ishuri n'aho riri

3. **Ni ibihe bintu biranga Umudugudu mutuyemo**

bitaboneka mu mudugudu ishuri ryanyu ryubatsemo

Biterwa n'imidugudu n'ishuri n'aho riri

Ibisubizo by'imyitozo yo ku rupapuro rwa 18 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Tanga ingero z'imirimo ikorwa mu muganda rusange ukorerwa mu mudugudu mutuyemo**
Kubaka ibikorwa remezo, kubakira abatishoboye, ...
2. **Sobanura impamvu abantu batuye Umudugudu bagomba kwita ku biranga Umudugudu.**
Kugira ngo bitangirika kandi birusheho kugirira abaturage akamaro
3. **Vuga uruhare rwawe mu kwita ku biranga Umudugudu mutuyemo**
Kutangiza ibidukikije
4. **Wakora iki usanze abantu bangiza bimwe mu bikorwa remezo biri mu Mudugudu mutuyemo.**
Nabibwira abantu bakuru
5. **Tanga ingero z'ibikorwaremezo biri mu Mudugudu mutuyemo.**
Imihanda ,amashuri , amavuriro , isoko
6. **Uzurisha ibi bikurikira**

Gufata neza ibidukikije	Kwangiza ibidukikije
-------------------------	----------------------

Kumena imyanda mu kimoteri	Guta ibipapuro mu muhanda
Gusukura amashuri	Gupfumura ibitembo by'amazi
Gutera ibiti ku muhanda	

Ibisubizo by'imyitozo yo ku rupapuro rwa 22 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Abagize komite nyobozi y'Umudugudu bose bahuriye ku ugukurikiza no kubahiriza gahunda za Leta mu Mudugudu
2. Igizwe n'abantu batanu:-
 - Umukuru w'Umudugudu
 - Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage
 - Ushinzwe umutekano , abinjiran'abasohoka
 - Ushinzwe amakuru no kujijura abaturage
 - Ushinzwe iterambere
- 3 a. ushinzwe iterambere
b. ushinzwe umutekano

Ibisubizo by'imyitozo yo ku rupapuro rwa 24 na 25 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibisubizo byose biterwa n'akagari batuyemo

Ibisubizo by'imyitozo yo ku rupapuro rwa 28 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Gukurikirana gahunda za Leta mu Kagari
2. Inama nnyanama n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa
3. a) Inama nnyanama

- b) Ushinzwe imibereho myiza
 c) Umunyamabanga
 Nshingwabikorwa

**2.3 IBISUBIZO BY'ISUZUMA
 RISOZA UMUTWE WA 2
 (Urup. 28– 30)**

1

Inshingano z'umunyeshuri ku ishuri	Inshingano z'umunyeshuri mu rugo
Kwiga neza	Gufasha ababyeyi
Kubahiriza igihe	Gusukura aho urara
Kugira ikinyabupfura	Kugira ikinyabupfura
Kubaha abarezi	Gukora umukoro wo mu rugo
Gufata neza ibikoresho by'ishuri	Kubaha ababyeyi
Kubahiriza amategeko y'ishuri	Gufata neza ibikoresho byo mu rugo
Kwambara impuzankano	

2. Subiza yego cyangwa oya

- a. Yego b. Yego c. Yego
 d. Oya e. Yego f. Yego

3. Huza ibigize ibendera ry'igihugu cyacu n'igisobanuro cyabyo

- a. Ubururu Amahoro n'umunezero.
 b. Umuhondo . Iterambere.
 c. icyatsi kibisi . Gukorera mu mucyo.
 d. Imirasire y'izuba Ikizere cyo kugera ku bukungu

3. Ca akaziga ku nshingano z'umuntu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu Mudugudu

- Kwiga - Iterambere
- Isuku - Amakuru
- Kwivuza - Umutekano
- Kwirinda indwara
- Kuyobora Umudugudu
- Ubwisungane mu kwivuza
- Gahunda za Leta
- Kuringaniza imbyaro
- Guhagararira Umudugudu
- Gukingiza.

4. Uzuzura n'ijambo rikwiye

- a. Umudugudu ni urwego ruto mu nzego z'ibanze
 b. Akagari kagizwe n'Imidugudu.
 c. Urwego rukurikira Umudugudu mu nzego z'ibanze ni Akagari
 d. Komite Ngishwanama mu iterambere ku rwego rw'Akagari ni yo yunganira inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'Akagari.

5. Uzuzura imbonerahamwe ushyira inshingano mu mwanya w'abazishinzwe :

Inshingano z'abagize Inama Njyanama y'Akagari	Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari
Gusuzuma no kwemeza igenamigambi	Kuyobora Akagari mu kugahagararira mu zindi nzego
Gukurikirana gahunda za Leta mu Kagari	Gukurikirana imikorere y'imishinga ikorera mu Kagari

3.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 3

Umubare	Amasomo
1	Isuku y'amazi
2	Isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa n'akamaro kayo
3	Ingaruka zo kutagira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa n'uko bazirinda
Igiteranyo	3

Isomo rya mbere: Isuku y'amazi

(urup. rwa 31-32 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Gusobanura uko basukura amazi n'akamaro kabyo

Intego :

Ubumenyi :

Kurondora ibice byose bigize uburyo bwo gusukura amazi n'icyo bimaze

Ubumenyingingiro: Kubasha kwisukurira amazi yo kunywa

Ubukeshya :

Kurangwa n'isuku aho ari hose , kugira umuco wo gusukura no kubika neza amazi .

Imfashanyigisho :

Amashusho, amafoto, ariho ibyiciro byose bigize uko basukura amazi n'uko bayabika

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n' amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho

zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza ibyiciro byose bigize uko basukura amazi n'uko bayabika.

- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka ku byiciro byose bigize uko basukura amazi n'uko bayabika .
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gutandukanya ibyiciro byose bigize uko basukura amazi n'uko bayabika .

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora ibyiciro byose bigize uko basukura amazi n'uko bayabika .
- Gukora imyitozo kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

- Ubushishozi no gukorana umwete bigaragarira mu kuntu asukura amazi
- Gufatany n'abandi gigaragarira mu bikorwa binyuranye ahabwa

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

Imibereho myiza igaragazwa no

gukoresha amazi asukuye no kunywa amazi meza .

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye .
Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
Umuco w'amahoro: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusabwa gusukura amazi hamwe n'abo mu yandi mashuri.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gusukura amazi iwabo no kuyazana mu gitondo bakayereka bagenzi

babo

Isomo rya kabiri: Isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa n'akamaro kayo

(urup. rwa 33-36 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Gusobanura uko basukura ibiribwa n'ibinyobwa n'akamaro kayo

Intego :

Ubumenyi :

Kurondora ibice byose bigize uburyo bwo gusukura ibiribwa n'ibinyobwa n'icyo bimaze.

Ubumenyigiro:

kubasha kwisukurira ibiribwa n'ibinyobwa

Ubukeshya :

Kurangwa n'isuku aho ari hose , kugira umuco wo gusukura no kubika neza ibiribwa n'ibinyobwa.

Imfashanyigisho :

Amashusho, amafoto, ariho ibyiciro byose bigize uko basukura ibiribwa n'ibinyobwa n'uko babibika .

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza ibyiciro byose bigize uko basukura ibiribwa n'ibinyobwa
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka ku byiciro byose bigize uko ibiribwa n'ibinyobwa .
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gutandukanya ibiribwa n'ibinyobwa

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora ibyiciro byose bigize uko basukura ibiribwa n'ibinyobwa .
- Gukora imyitozo kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza, gufatanya n'abandi no gutunganya neza umurimo yahawe bigaragarira mu bikorwa akora byo gusukura ibiribwa n'ibinyobwa

Ubumenyi bw'inyongera

umwarimu asabwa kugira

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

Imibereho myiza igaragazwa no gukoresha amazi asukuye no kunywa amazi meza .

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburyanganyire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo *Umuco w'amahoro* ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya uko basukura amazi bakoresheje imiti iyasukura
- c. Umwarimu agomba kumenya uburyo bwose bwo gusukura

intoki .

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusabwa gusukura ibindi biribwa n'ibinyobwa .

Umukoro

Gusaba abanyeshuri gusukura ibiribwa n'ibinyobwa iwabo no kubizana mu gitondo bakabyereka bagenzi babo.

Isomo rya gatatu Ingaruka zo kutagira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa n'uko bazirinda

(urup. rwa 37-38 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Gusobanura ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa

Intego :

Ubumenyi : Kurondora ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa

Ubumenyigiro: Gusobanura ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa

Ubukeshya : kurangwa n'isuku aho ari hose , kwirinda ingaruka zo

kutagira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa

Imfashanyigisho :

amashusho, amafoto, ariho ingaruka zo kutagira isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa .

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa .
- Kubayobora bagakora imyitoto yo kwitegereza , kujya impaka ku ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa
- Gukora imyitoto kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi umunyeshuri yunguka muri iri somo

Ubushishozi, kwitegereza, gufatanya n'abandi no gutunganya neza umurimo yahawe bigaragarira mu bikorwa akora yirinda ingaruka zo kudasukura ibinyobwa.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- a Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
Imibereho myiza igaragazwa no gukoresha amazi asukuye no kunywa amazi meza .
- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburunganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu

basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.

- b. Umwarimu agomba kumenya uko basukura amazi bakoresheje imiti iyasukura
- c. Umwarimu agomba kumenya uburyo bwose bwo gusukura intoki mbere yo gusukura ibiribwa n'ibinyobwa.
- d. Indwara zose ziterwa no kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, abanyeshuri bashobora gusura abarwayi indwara ziterwa no kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri kuganira ku ngaruka zo kurya imbuto zitaronze, ibiribwa byanduye.
- Kuganira ku bana batoragura ibiryo bakabirya

3.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO KU MUTWE WA 3

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 31 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kuki bateka amazi akabira?
Kugira ngo mikorobe zirimo zipfe
2. Vuga uko babika amazi yo kunywa
Bayabika mu gikoresho gisukuye

neza kandi gipfundikiye

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 45 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Mwitogereze amashusho mushyire V ku bikorwa byiza na X ku bikorwa bibi
 1. V
 2. V
 3. X
 4. X
2. Ese waba warigeze unywa amazi mabi akagutera uburwayi?

Wabigenje ute? *Sobanura.*

Biterwa n'ibyababayeho

3. Kuki tugirwa inama zo kunywa buri gihe amazi atetse?
Kugira ngo twirinde indwara ziterwa no kunywa amazi mabi
4. Tanga ingero z'indwara ziterwa no kunywa amazi mabi.
Impiswi, inzoka zo mu nda, tifyoyide

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 34 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Koga intoki mbere yo kuronga ibiribwa *Bituma uzoza nta mwanda ufite, ukazisukura neza. Iyo utoze intoki usigaho umwanda aho kuwukuraho.*
2. *Ni ngombwa kuko birinda indwara ziterwa n'umwanda*
3. *Imbuto, imboga, ibinyabijumba, ibinyampeke*
4. *Ibisobanuro bihinduka bitewe n'ibyabaye kuri buri munyeshuri*

5. *Ibisobanuro bihinduka bitewe n'ibyabaye kuri buri munyeshuri*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 36 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Mwitegereze amashusho muvuge ibikorwa byiza , mugaragaze n'ibibi , muvuge impamvu**
 1. *ni bibi*
 2. *ni byiza*
 3. *ni bibi*
 4. *ni bibi*
 5. *ni byiza*
 6. *ni bibi*
2. **Kuki mbere yo kunywa amazi dusabwa kubanza gukaraba intoki**

Kugira ngo tudasiga umwanda ku kintu tugiye kunywesha bityo tukawunywa
3. **Sobanura impamvu ari ngombwa kunywesha ibinyobwa ibikoresho bifite isuku**

Ni uko iyo bidasukuye byanduza icyo tugiye kunywa
4. **Sobanura impamvu ari bibi kukubita umunwa ku kajerikani cyangwa kuri robine**
 - *Ni bibi kuko bishobora kwanduza indwara zo mu kanywa , izo mu myanya y'uhumekero nk'inkorora,ibicurane, igituntu,...*
 - *Ni umwanda kuko unywesha*

umunwa aciramo

5. **Sobanura uko wagirira isuku ibinyobwa ugiye kunywa.**

- *Gukaraba intoki, kunywesha igikoresho gisukuye*
- *Gupfundikira umaze kunywa*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 37 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Vuga indwara ebyiri ziterwa no kunywa ibinyobwa bidafite isuku**

Inzoka zo mu nda ,tifoyide, impiswi,...
 2. **Ni iyihe ndwara iterwa no kunywa ibinyobwa bidasukuye warwaye cyangwa wabonye uyirwaye?**

Byari bimeze bite ?
Ibisubizo biranyuranye
 3. **Kuki ari ngombwa kunywa ibinyobwa bifite isuku?**

Kugira ngo twirinde indwara ziterwa n'umwanda w'ibinyobwa.
 4. **Sobanura zimwe mu ngaruka mbi ziterwa no kunywa cyangwa kurya ibiribwa n'ibinyobwa bidasukuye.**

Indwara zirimo inzoka zo mu nda, impiswi,....
- Imyitozo yo ku rupapuro rwa 38 mu gitabo cy'umunyeshuri**
1. **Sobanura uburyo bukwiye bwo kwirinda ingaruka ziterwa no kunywa**

ibinyobwa bidasukuye

Ni ukugira isuku y'ibyo tunywa , ibyo tunywesha , ibyo tubibikamo n'aho tubibika kandi natwe tukigirira isuku.

2. Vuga icyo wakora kugira ngo wirinde ingaruka ziterwa kurya ibiribwa bidasukuye .

Ni ukugira isuku y'ibiribwa , tubisukura uko bikwiye , tubiteka mu bikoreho bisukuye kandi bipfundikiye, kubirira ku bikoreho byogeje neza , kubibika neza bipfundikiye kandi natwe tukigirira isuku.

- 3. Gutereka isafuriya ipfundikiye neza ku mbabura*
- 4. Gutegereza amazi akabira*
- 5. Guterura ku mbabura amazi yabize*
- 6. Koza akajerikani ko gushyiramo amazi ayungurura*
- 7. Kuyungurura amazi yamaze kubira uyashyira mu kajerikani*
- 8. Gupfundikira akajerikani karimo amazi ayunguruye*
- 9. Kukabika ahantu hafite isuku*
- 3. Imboga, imbuto, ibinyabijumba, ibinyampeke, ibinyamisogwe,...*
- 4. Amazi, icyayi, urwagwa, umutobe, ikigage, ubushera n'ibindi*

3.3 IBISUBIZO BY'ISUZUMA RISOZA UMWUTWE WA 3

(urup. rwa 39 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Indwara	Ikizitera	Uko wazirinda
Impiswi	Kunywa amazi mabi cyangwa kurya ibintu bidasukuye	Kunywa amazi atetse no kurya ibintu bisukuye
Inzoka zo mu nda	Kunywa amazi mabi cyangwa kurya ibintu bidasukuye	Kunywa amazi atetse no kurya ibintu bisukuye
Tifoyide	Kunywa amazi mabi cyangwa kurya ibintu bidasukuye	Kunywa amazi atetse no kurya ibintu bisukuye

2. Ni ibi:

- 1. Koza isafuriya*
- 2. Gusuka amazi mu isafuriya yogeje neza*

4.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 4

Umubare	Amasomo
1	Indwara zitandura ziterwa n’umwanda
2	Indwara ziterwa n’imirire mibi
Igiteranyo	2

**Isomo rya mbere:
indwara zitandura ziterwa
n’umwanda**

*(Urup. rwa 40 mu gitabo
cy’umunyeshuri)*

**Ubushobozi bw’ingenzi
bugamijwe:**

Kwirinda indwara zitandura
ziterwa n’umwanda

Intego :

Ubumenyi :

Kurondora indwara zitandura
ziterwa n’umwanda

Ubumenyingiro:

Gusobanura uko birinda
indwara zitandura ziterwa
n’umwanda

Ubukeshya :

Kurangwa n’isuku aho ari hose
, kwirinda indwara zitandura
ziterwa n’umwanda

Imfashanyigisho :

amafoto, ariho indwara
zitandura ziterwa n’umwanda

Imvano

Igitabo cy’umunyeshuri,
icy’umwarimu
n’ integanyanyigisho
by’amasomo mbozezamubano

Ibice by’ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri
ubwabo bivumburira
insanganyamatsiko bagiye
kwiya bamaze kwitegereza
amashusho n’ amafoto
ayigaragaza

Ibikorwa by’umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
ubwe ashobora kugaragaza
indwara zitandura ziterwa
n’umwanda
- Kubayobora bagakora imyitozo
yo kwitegereza , kuja impaka
ku ndwara zitandura ziterwa
n’umwanda
- Guha abanyeshuri ibikorwa

bibafasha indwara zitandura ziterwa n'umwanda

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kuja impaka no
- Kwitegereza, kuganira, kuja impaka no kurondora indwara zitandura ziterwa n'umwanda
- Gukora imyitoto kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi bw'ingezi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura indwara ziterwa n'umwanda

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
Uburezi budaheza : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburyanganire: Bugaragazwa* n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu

bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo

- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya ibiranga indwara zitandura ziterwa n'umwanda

Imyitoto y'inyongera

Uretse imyitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gusura ikigo nderabuzima kibegereye bakabaganirira ku indwara zitandura ziterwa n'umwanda

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri gukora igikorwa cyo kwirinda indwara zitandura ziterwa n'umwanda

Isomo rya kabiri: indwara ziterwa n'imirire mibi

(urup. rwa 43 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Kwirinda indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

Intego :

Ubumenyi : Kurondora indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

Ubumenyigiro: Gusobanura uko birinda indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

Ubukeshya : kurangwa n'isuku aho ari hose , kwirinda indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

Imfashanyigisho :

amashusho, amafoto, ariho indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

5. Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'ingenzi bigize isomo Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n' amafoto ayigaragaza

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi
- Kubayobora bagakora imyitoto yo kwitegereza , kujya impaka ku indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ingaruka ziva ku imirire mibi

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

- Gukora imyitoto kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi bw'ingezi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura indwara ziterwa n'imirire mibi

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburyanganzira*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.

- b. Umwarimu agomba kumenya ibiranga indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, abanyeshuri bashobora gusura abantu barwaye indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi. Bakareba uko baba bameze

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kuganira ku ndwara zitandura ziterwa n'imirire mibi

4.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO YO KU MUTWE WA 4

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 42 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Tanga ingero z'indwara zitandura ziterwa n'umwanda
Inzoka zo mu nda, amavunja
2. Sobanura uburyo bukwiriye buri wese yakwirinda indwara zitandura ziterwa n'umwanda
Kugira isuku ku mubiri, ku myambaro, aho tuba, ibyo turya, ibyo dukoresha byose.
3. Ukoresheje ingero 2 tandukanya indwara zandura n'indwara zitandura ziterwa n'umwanda.

Nka macinya na kolera birandura

Nk'inzoka ntizandura

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Tanga ingero 2 z'indwara zitandura ziterwa n'imirire

mibi?

Bwaki, uruzingo

2. Indyo yuzuye iba igizwe n'ayahe mafunguro?

Ibyubaka umubiri

Ibitera imbaraga

Ibirinda indwara

3. Tanga ingero 2 kuri buri bwoko bw'ibiribwa bigize indyo yuzuye

a) *Ibyubaka umubiri : inyama, amagi, amafi*

b) *Ibitera imbaraga : Ibijumba, inyumbati, ibirayi,*

c) *Ibirinda indwara: imboga imbuto*

4. Nirinda gutoranya ibiryo, mfata ifunguro ryuzuye.

4.3 IBISUBIZO BY'ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA 4

(urup. 45 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- 1.

Izandura ziterwa n'umwanda	Izitandura ziterwa n'umwanda	Izitandura ziterwa n'imirire mibi
kolera	inzoka zo mu nda,	Uruzingo
macinya	amavunja	Bwaki
indwara z'uruhu	tifoyide	impiswi

- 2.

Ibitera imbaraga	Ibyubaka umubiri	Ibirinda indwara
ibijumba	inyama	imboga
inyumbati	amagi	imbuto
ibirayi	amafi	
ibinyampeke	ibishyimbo	

5.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 5

Umubare	Amasomo
1	Kubahiriza uburenganzira bw'umwana n'akamaro kabyo
2	Ihohoterwa rikorerwa abana no kuryirinda
3	Umuco w'amahoro
4	Imyitwarire iboneye ku ishuri
5	Imyanya myibarukiro
6	Ubumuga
Igiteranyo	6

Isomo rya mbere:

Kubahiriza uburenganzira bw'umwana n'akamaro kabyo

(urup. 46-47 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Gusobanura uburenganzira bw'umwana n'akamaro ko kubwubahiriza

Intego z'isomo

Ubumenyi : Kurondora uburenganzira b'umwana

Ubumenyigiro: Gusobanura uburenganzira bw'umwana n'akamaro ko kubwubahiriza

Ubukeshya : guharanira uburenganzira bw'umwana

Imfashanyigisho :

amashusho, amafoto, agaragaza uburenganzira bw'umwana

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu

n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n' amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri

ubwe ashobora kugaragaza ingaruka zo kudasukura ibiribwa n'ibinyobwa .

- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka burenganzira bw'umwana n'akamaro ko kubwubahiriza
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uburenganzira bw'umwana n'akamaro ko kubwubahiriza.
- Abakinisha umukino “umurizo w'ikirura”.

Amabwiriza y'umukino:

Umwarimu akora amatsinda y'abana nibura batanu.

Umwana umwe aba umutwe w'ikirura abandi bakamufata mu nda bakunama, bagakora igihimba n'umurizo w'ikirura.

Aho umutwe ugiye ni ho igihimba n'umurizo bijya.

Haza undi mwana urwanira gufata umurizo w'ikirura.

Ubwo umutwe ukamutangira n'abandi gutyo gutyo kugeza ubwo bamubuza gufata umurizo w'ikirura. Iyo awufashe aba atsinze.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora uburenganzira bw'umwana no gusobanura akamaro ko kubwubahiriza.
- Gukora imyitozo kuri iyo nsanganyamatsiko

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu

isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura uburenganzira bw'umwana

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya uburenganzira bwa muntu

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora kwitegereza hirya no hino aho ishuri ryubatse bakareba uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko kubahiriza uburenganzira bwabo n'abandi bo mu yandi mashuri.

Isomo rya kabiri:

Ihohoterwa rikorerwa abana no kuryirinda (*urup. 48-49 mu gitabo cy'umunyeshuri*)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanura ihohoterwa rikorerwa abana, impamvu ziritera n'uburyo bwo kuryirinda.

Intego z'isomo

Ubumenyi: Kurondora impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abana.

Ubumenyigiro: Gusobanura uburyo bwo kwirinda ihohoterwa rikorerwa abana.

Ubukeshya: Guharanira ko ihohoterwa rikorerwa abana ricika burundu.

Imfashanyigisho :

Amashusho n'amafoto, agaragaza abantu bahohoterwa abana

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mboze zamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kugaragaza impamvu zitera abana guhohoterwa
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwitegereza , kujya impaka ku buryo bwo kwirinda ihohoterwa rikorerwa abana
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura impamvu zitera ihohoterwa n'uburyo bwo kuryirinda.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abana. N'ukuntu babyirinda .
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza ,
kuvuga neza yumvikanisha
ibitekerezo bye asobanura
ihohoterwa rikorerwa abana

**Ubumenyi bw'inyongera
umwarimu asabwa kugira:**

- a Umwarimu agomba
gusobanukirwa ubumenyi
nsanganyamasomo buri muri
iri somo n'uko bugerwaho:
- *Uburezi budaheza* : Kwita
ku banyeshuri be bafite
imbogamizi mu myigire yabo.
Abafite impano yo gufata
vuba cyane akabaha imyitozo
y'inyongera iri muri iki gitabo.
Abagenda buhoro akabaha
imyitozo iringaniye .
Abafite ubumuga akabitaho
ku buryo bw'umwihariko ,
abatumva neza n'abatabona
neza akabicaza imbere,
byanashoboka agakoresha
imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa
n'ukuntu abahungu n'abakobwa
bakorana mu matsinda ,mu
bindi bikorwa n'ukuntu bigana
ntawe uhutaje undi cyangwa
ngo amunigane ijambo
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa
n'uko abanyeshuri bubaha
uburenganzira bwa muntu
basabana na buri wese nta
kuvangura kandi batagira
urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya
ubwoko bw'ihohoterwa ari
irishingiye ku gitsina cyangwa
irikorerwa abana

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo
cy'umunyeshuri , abanyeshuri
bashobora gukina agakinamico
gato kari ku rugero rwabo
berekana uko bakunze
guhohoterwa ku ishuri no
mu miryango yabo ndetse
bakanasobanura uko bakwiye
kwirinda iryo hohoterwa.

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kuganira
ku mpamvu zitera ihohoterwa
rikorerwa abana ndetse no
gufata umugambi w'icyo
bakwiye gukora baryirinde.

**Isomo rya gatatu: Umuco
w'amahoro**

*(urup. rwa 50-53 mu gitabo
cy'umunyeshuri)*

**Ubushobozi bw'ingenzi
bugamijwe:**

Gusobanura uburyo buboneye
bwo kubana mu mahoro
n'uburyo bakwiye kwimakaza
umuco w'amahoro mu mikino
no mu myigire .

Intego z'isomo

Ubumenyi:

Kurondora ibikorwa byimakaza
umuco w'amahoro

Ubumenyigiro:

Gusobanura uburyo bwo
kubana n'abandi mu mahoro

Ubukeshya:

Kurangwa n'ibikorwa
byimakaza umuco w'amahoro

Imfashanyigisho :

Amashusho n'amafoto,
agaragaza abanyeshuri bakora
ibikorwa byimakaza umuco
w'amahoro

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho
by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo**Ivumburamatsiko**

Muri iki gice abanyeshuri
ubwabo bivumburira
insanganyamatsiko bagiye
kwiga bamaze kwitegereza
amashusho n'amafoto
ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
ubwe ashobora kugaragaza
gusobanura uburyo buboneye
bwo kubana na bagenzi be mu
mahoro.
- Kubayobora bagakora imyitoto
yo kwitegereza , kujya impaka
ku uburyo buboneye bwo
kubana mu mahoro n'uburyo
bakwiye kwimakaza umuco
w'amahoro
- Guha abanyeshuri ibikorwa
bibafasha gusobanura uburyo
buboneye bwo kubana mu
mahoro n'uburyo bakwiye
kwimakaza umuco w'amahoro

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira,
kujya impaka no kurondora
gusobanura uburyo buboneye
bwo kubana mu mahoro
n'uburyo bakwiye kwimakaza
umuco w'amahoro
- Gukora imyitoto ijyanye
n'insanganyamatsiko yizwe

**Ubushobozi bw'ingenzi
umunyeshuri yiyungura mu
isomo**

Ubushishozi, kwitegereza ,
kuvuga neza yumvikanisha
ibitekerezo bye asobanura
ibirebana n'umuco w'amahoro .

**Ubumenyi bw'inyongera
umwarimu asabwa kugira:**

- a Umwarimu agomba
gusobanukirwa ubumenyi
nsanganyamasomo buri muri
iri somo n'uko bugerwaho:
- *Uburezi budahaheza* : Kwita
ku banyeshuri be bafite
imbogamizi mu myigire yabo.
Abafite impano yo gufata
vuba cyane akabaha imyitoto
y'inyongera iri muri iki gitabo.
Abagenda buhoro akabaha
imyitoto iringaniye .
Abafite ubumuga akabitaho
ku buryo bw'umwihariko ,
abatamva neza n'abatabona
neza akabicaza imbere,
byanashoboka agakoresha
imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburunganire*: Bugaragazwa
n'ukuntu abahungu n'abakobwa
bakorana mu matsinda ,mu
bindi bikorwa n'ukuntu bigana

ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo

- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya ibikorwa n'imyitwarire yimakaza umuco w'amahoro

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, abanyeshuri bashobora gukina agakinamico gato kari ku rugero rwabo berekana uburyo buboneye bwo kubana mu mahoro n'uburyo bakwiye kwimakaza umuco w'amahoro

Umukoro

Gusaba abanyeshuri kuganira ku uburyo buboneye bwo kubana mu mahoro n'uburyo bakwiye kwimakaza umuco w'amahoro

Isomo rya Kane : Imyitwarire iboneye ku ishuri

(Urup. rwa 54-56 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Gusobanura uburyo buboneye bwo kwitwara neza kuri bagenzi be n'abayobozi b'ikigo yigaho.

Intego z'isomo

Ubumenyi : Gutahura imyitwarire iboneye ku ishuri

Ubumenyigiro:

Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kwitwara neza ku ishuri n'akamaro kabyo.

Ubukeshya :

- Kubaha, kurangwa n'ubupfura n'ubworoherane no guha agaciro abantu n'ibintu
- Kubana neza n'abandi, kwisuzuma (kugenzura uko yitwara ku bandi) no kwisubiraho

Imfashanyigisho :

Amashusho n'amafoto, agaragaza uburyo abanyeshuri babana nezana bagenzi babo ku ishuri.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri

ubwe ashobora gusobanura uko we na bagenzibe bitwara kun ishuri.

- Kubasaba kwisuzuma bakareba ko iyo myitwarire iboneye basanga itaboneye bagafata ingambazo kwikosora.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura uko bakwiye kujya bubaha bagenzi babo, ababaruta n'abayobozi b'ishuri ryabo.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uko bakwiye kujya barangwa n'ubupfura n'ubworoherane
- Kubaha igikorwa cyo gukora urutonde rw' amategeko n'amabwiriza y'ishuri

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura uko bakwiye kujya bubaha bagenzi babo, ababaruta n'abayobozi b'ishuri ryabo
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe
- Kwiyibutsa amategeko y'ishuri no kwihatira kujya ayubahiriza uko bikwiye

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura imyitwarire iboneye ku ishuri yimakaza umuco w'amahoro

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatamva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiringanire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya gusobanura ibihano bijyanye no kutubahiriza amategeko y'ishuri

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, abanyeshuri

bashobora gukora imyitozo ikurikira.

1. Vuga akamaro ko kwitwara neza ku ishuri
2. Ese ujya ufata umwanya ukisuzuma kugira ngo urebe ko witwaye neza? Sobanura
3. Witwara ute imbere y'abayobozi b'ikigo wigaho?
4. Ese amategeko y'ishuri ryanyu abategeka iki? Sobanura

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko kubahiriza amategeko y'ishuri
- Kuki dusabwa kurangwa n'ubupfura n'ubworoherane no guha agaciro abantu n'ibintu aho turi hose.

Isomo rya gatanu:

Imyanya myibarukiro
(*Urup. rwa 57 mu gitabo cy'umunyeshuri*)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Kurangwa n'ubupfura ,
ubushishozi no kudasesagura mu mibereho ye

Intego z'isomo

Ubumenyi :

Gutahura ibikorwa bibangamira imyanya ndangagitsina

Ubumenyigiro:

Gusobanura uburyo buboneye bwo kwirinda ibikorwa

bibangamira imyanya ndangagitsina.

Ubukesho:

Kwirinda ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina no kugira ubuzima bwiza

Imfashanyigisho :

Amashusho n'amafoto, agaragaza ibikorwa bibi bibangamira imyanya ndangagitsina.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura bimwe mu bikorwa bibangamira imyanya myibarukiro.
- Kubasaba kuvuga bashize amanga kuri bimwe bikorwa bibangamira imyanya myibarukiro byaba byarababayeho ndetse n'uko babigenje.
- Kubayobora bagakora imyitozo

yo gusobanura uko bakwiye kwirinda ibikorwa bibangamira imyanya myibarukiro.

- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ibi byo gukorerwa bibangamira imyanya myibarukiro.
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba z'uburyo bakwiye kujya birinda bibangamira imyanya myibarukiro.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura uko bagiye kujya birinda ibikorwa bibangamira imyanya myibarukiro.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe.
- Gusobanura imyitwarire iboneye yamufasha kujya yirinda ibikorwa bibangamira imyanya myibarukiro.
- Gusobanura uko yabigenza igihe abonye mugenzi we ari gukorerwa ibikorwa bibangamira imyanya myibarukiro.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura imyitwarire ijyanye no kwirinda ibibangamira imyanya myibarukiro ye.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b Umwarimu agomba kumenya gusobanura ibijyane no kubungabunga imyanya myibarukiro no kuyigirira isuku.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora imyitozo ikurikira.

1. Sobanura akamaro ko kwitwara neza ku ishuri
2. Ese ujya ufata umwanya ukisuzuma kugira ngo urebe ko witwaye neza? Sobanura
3. Witwara ute imbere y'abayobozi b'ikigo wigaho?
4. Ese amategeko y'ishuri ryanyu abategeka kwitwara iki?

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko kubahiriza amategeko y'ishuri
- Kuki dusabwa kurangwa n'ubupfura n'ubworoherane no guha agaciro abantu n'ibintu aho turi hose.

Isomo rya gatandatu:

Ubumuga (Urup. rwa 58-60 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :

Kurangwa n'ubupfura

Intego z'isomo

Ubumenyi :

Gusobanura ubumuga

Ubumenyigiro:

Gusobanura uburenganzira bw'abafite ubumuga

Ubukeshya:

- Kugira imyitwarire iboneye ku bantu bafite ubumuga
- Kwiyakira ku bafite ubumuga

Imfashanyigisho :

Amashusho n'amafoto, agaragaza abantu bafite ubumuga butandukanye

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura ijamba "ubumuga " akoresheje amagambo ye.
- Kubasaba gusobanura zimwe mu mpamvu zitera ubumuga.
- Kubayobora bakaganira ku burenganzira bw'abafite ubumuga.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura impamvu ari ngombwa guha abafite ubumuga uburenganzira bwabo.
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba z'uburyo bakwiye kwamagana abahohotera abafite ubumuga.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya

impaka no gusobanura uko bagiye kujya birinda gukora ibikorwa bibangamira abafite ubumuga

- Gukora imyitoto ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe.
- Gusobanura impamvu abafite ubumuga bagomba guhabwa uburenganzira bwabo.
- Gusobanura icyo yakora igihe abonye mugenzi we ari guhohotera umuntu ufite ubumuga.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ibijyanye n'ubumuga

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha

imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburunganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
- *Umuko w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya uko yitwara imbere y'abafite ubumuga muri iri somo kugira ngo atabahutaza.
- c. Kumenya uko yahumuriza abana baramuka bahungabanye bibutse ibyabateye ubumuga

Imyitoto y'inyongera

- Uretse imyitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri ,abanyeshuri bashobora gukora umwitoto ukurikira.
- Sobanura uko wakora igihe usanze umuntu ahohotera abafite ubumuga.

Umukoro

- Kuganira ku byiza byo kudahaza abafite ubumuga mu byo bakora.
- Kuki dusabwa kwita ku bafite ubumuga ?
- Ese birakwiye ko abana bafite ubumuga batakwemererwa kwiga nk'abandi? Sobanura.

5.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO YOSE KU MUTWE WA 5

**Imyitozo yo ku rupapuro rwa
47 mu gitabo cy'umunyeshuri**

Soma uvuge uburenganzira
bwubahirijwe

- a. **Mutesi yaranyagiwe,
bamukura mu mvura,
bamwambika imyenda
ishyushye:** *Kwambara no
kurindwa ibibi*
- b. **Kagabo yari avuye ku ishuri
baramugaburira:** *Kurya*
- c. **Keza yakinaga umupira
aragwa aravunika
bamujiyana kwa
muganga:** *Kuvuzwa*
- d. **Muhire yapfushije ababyeyi
be bose none arerwa no kwa
Mbabazi:** *Kurerwa*
- e. **Murumuna wange ejo
azatangira ishuri:** *Kwiga*

**Imyitozo yo ku rupapuro rwa
47 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1. **Sobanura akamaro ko
kubahiriza uburenganzira
bw'umwana.**
*Bituma akura neza kandi
akagira ubuzima n'imibereho
myiza*
2. **Ese uburenganzira bwawe
burubahirizwa? Niba
bwubahirizwa urabona
bizakumarira iki ? Sobanura**
*Biterwa n'uko buri mwana
afashwe ariko ibisubizo
bigomba kuganisha mu
murongo w'ikibazo cya mbere*

**Umwitozo wo ku rupapuro rwa
48 mu gitabo cy'umunyeshuri**
Tanga ingero eshatu
z'ibintu bishobora gutuma
uburenganzira bw'umwana
butubahirizwa.

Ubujiyi, ubugome, ubusinzi

**Imyitozo yo ku rupapuro rwa
49 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1. Sobanura icyo wakora

a) *igihe uhohotewe*

b) *ubonye mugenzi wawe
ahohoterwa.*

*Nabibwira abayobozi b'ishuri,
abayobozi mu Mudugudu,
ababyeyi n'abandi bantu
bakuru badufasha. Nshobora
no kubivuga kuri polisi.*

2. **Ese wigeze uhura
n'ihohoterwa iryo ari
ryo ryose ? Wabigenje
ute?(biterwa n'ibyabaye ku
banyeshuri)**

**Imyitozo yo ku rupapuro rwa
51 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1. Sobanura uko ubana n'abandi
mu mahoro igihe:

a. *Mukinana : twirinda
guhutazanya, guteza imvururu,
kurwana*

b. *Mwigana: twirinda
kubangamira abandi
tubasakuriza, tubima
ibikoresho, dukorera hamwe
neza mu matsinda.*

2. Vuga bimwe mu bintu
utagomba gukora igihe ukinana
n'abandi

*Kwikunda , kubima umupira,
kutarwana, kudahirikana,
kutabangamira abandi.*

3. Tanga ingero z'ibintu wakwirinda igihe wigana n'abandi

*Kutababuza kwiga,
kutabakingiriza ngo batareba
ku kibaho, kutabima ibikoresho,*

4. Mutesi

- a) *Akina n'inshuti ze gusa*
b) *Atiza abandi ibitabo kandi akabasobanurira yishimye*
c) *Mu matsinda irasakuza*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 52 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. *Tuganira ku byo batubwiye , tugatega amatwi uvuga kandi natwe bakadutega amatwi*
2. Ibintu by'ingenzi ukwiye kwirinda igihe uganira na bagenzi bawe
- *Kutiharira ijambo, kutabatuka, kutabannyega, kutabaseka, kuta babuza amahoro.*

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 53 mu gitabo cy'umunyeshuri

- Ibintu by'ingenzi ukwiye gukora igihe uri kumwe na bagenzi bawe mu itsinda
- *Gutega abandi amatwi*
 - *Kudasakuza ngo dutere hejuru*
 - *Gusaba imbabazi abo twahutaje*
 - *Gutanga imbabazi igihe bazidusabye*
 - *Kwirinda gusuzugura ibitekerezo by'abandi*
 - *Kuvuga igihe duhawe ijambo*

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 54 mu gitabo cy'umunyeshuri

Amategeko 3 y'ishuri:

*Kwambara umwenda w'ishuri.
Kubaha abarezi, Kudakereerwa
no kudasakuza mu ishuri.*

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 55 mu gitabo cy'umunyeshuri

Uko nitwara bantumye ku muyobozi w'ikigo:

- *Mbanza gukomanga*
- *Nkinjira ari uko anyemereye*
- *Nkamusuhuza mu kinyabupfura kandi ntuje*
- *Muvugisha ntamuhagaze hejuru*
- *Kandi nkaza kumusezeraho*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 56 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Tanga ingero z'ibintu by'ingenzi ukwiye gukora kugira ngo wite kuri bagenzi bawe bafite ubumuga.**
- Kubunganira mu bikorwa bibagora, kutababangamira*
2. **Sobanura uko witwara kuri bagenzi bawe mwigana**
- Turakundana, turafashanya, turubahana,...*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 57 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Wakora iki haramutse hagize abaguhohotera?**
- Nabibwira ababyeyi, abarezi n'abandi bayobozi byihutirwa*
2. **Uwaguha ibisuguti, shokola, n'utundi tuntu ngo agukore**

ku gitsina wakwemera?
Sobanura. Oya. Si byiza ni ukunshuka kandi singomba kumwerera kunkora ku gitsina.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 58 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Sobanura ijambo ubumuga**
Ni ukudakora kw'ingingo zimwe na zimwe z'umubiri w'umuntu
2. **Vuga bimwe mu bintu bitera ubumuga**
Indwara, impanuka, kubuwukana

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 60 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Ese abafite ubumuga bafite uburenganzi nk'ubwawe? Sobanura**
Yego umwana wese afite uburenganzira nk'ubw'abandi nta kuvangura
2. **Sobanura icyo wakora igihe ubonye umuntu uhohotera ufite ubumuga**
Namurega ku barezi, ababyeyi n'abayobozi
3. **Tanga ingero 4 z'uburenganzira bw'abafite ubumuga**
Kwidagadura, kujya ahagaragara nk'abandi, koroherezwa kugera mu nyubako, kwiga, kuvuzwa, ...
4. **Kuki tugomba kurinda ihohoterwa bagenzi bacu bafite ubumuga**
- *Ni uko hari ababahotera bitwaje ko bafite intege nke kandi nyamara ari abana*

nk'abandi

- *Gufashanya ni umuco mwiza ugomba kuturanga buri gihe*

5.3 IBISUBIZO BY' ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA 5

(urup. rwa 60-61 mu gitabo cy'umunyeshuri).

1. a.Yego b.Yego c.Oya
d.Yego e.Oya f.Yego

2.	Uburenganzira	Ihohoterwa
	Kumvwa	Gukubitwa
	Gukina	Guhanwa bikomeye
	Kuvuzwa	Gutotezwa
	Kubaho	Gutukwa
	Kwambikwa	Kuvunishwa

3. a. *Mu biganirwa ni ngombwa ko havuga uhawe ijambo.*
- b. *Gukorera hamwe mu matsinda bituma twungurana ubumenyi.*
- c. *Iyo nakoze amakosa nihutira gusaba imbabazi .*
- d. *Ni byiza gutega buri wese amatwi utamurogoya cyangwa ngo umuce mu ijambo.*
- e. *Guhutaza bagenzi bawe muri gukinana ni umuco mubi.*
- f. *Tureke kwikunda dusaranganye na bagenzi bacu .*
- g. *Gusakuza mu ishuri bibangamira abo mwigana.*
- h. *Turashishikarizwa kumvira abantu bose batugira inama.*
- i. *Iyo zimwe mu ngingo z'umubiri zidakora neza uba ufite ubumuga.*

6.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 6

Umubare	Amasomo
1	Ibyangombwa nkenerwa mu buzima
2	Inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo
3	Akamaro k'amafaranga n'inzitizi zo kutayabona
4	Uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi
5	Ibintu by'ingenzi bigize umutungo rusange n'imicungire yabyo
Igiteranyo	5

Isomo rya mbere:

Ibyangombwa nkenerwa mu buzima

(urup. rwa 62 -63 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gutandukanya ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibyangombwa by'ibanze

Intego

Ubumenyi :

Kurondora ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibyangombwa by'ibanze

Ubumenyingingiro:

Gusobanura ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari

ibyangombwa no gusobanura uburyo bwo kubibona.

Ubukeshya :

Kugira gahunda mu kugura ibintu bikenewe.

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibyangombwa by'ibanze

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri

ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibangombwa by'ibanze
- Kubasaba kuvuga bashize amanga ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibangombwa by'ibanze mu buzima bwabo bwa buri munsu.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura uburyo bwo kubona ibyangombwa nkenerwa by'ibanze
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibangombwa by'ibanze
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zo gutandukanya ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibangombwa by'ibanze .

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari ibangombwa by'ibanze
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe

- Gusobanura imyitwarire iboneye yamufasha gukoresha ibyangombwa nkenerwa mu buzima
- Gusobanura uko yabigenza mu gutandukanya ibyangombwa by'ibanze n'ibitari iby'ibanze mu gutanga gahunda y'ibyo kugura.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ibijyanye n'ibyangombwa nkenerwa mu buzima

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. *Umwarimu agomba* gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiringanire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa

bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo

- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa

muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.

- b. Umwarimu agomba kumenya

- Gusobanura byimbitse ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari iby'ibanze mu buzima
- Gutandukanya ibyiciro by'abantu mu mibereho n'ukuntu bagenda bakenera ibintu binyuranye

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora imyitozo yo kwitegereza ibintu abantu bagura ku isoko bagatandukanya iby'ingenzi n'ibitari iby'ingenzi .

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri kuganira ku kamaro ko gutandukanya ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari iby'ibanze.

Isomo rya kabiri: Inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo

(urup. rwa 64 -65 mu gitabo

cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanura inzitizi zo kutabona Ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo

Intego

Ubumenyi :

Kurondora inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo

Ubumenyigiro:

Gusobanura inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo .

Ubukesho :

- Kwirinda inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo
- Gukoresha neza ibyangombwa nkenerwa birinda kubisesagura

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho inzitizi zo kutabona Ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye

kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo
- Kubasaba kuvuga bashize amanga inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo .
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura Inzitizi zo kutabona Ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura inzitizi zo kutabona Ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zo gufata neza ibyangombwa nkenerwa no kubicunga neza .

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura inzitizi zo kutabona Ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe
- Gusobanura imyitwarire iboneye yamufasha gukoresha ibyangombwa nkenerwa mu buzima no kwirinda inzitizi n'ingaruka zo kutabibona.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ibijyanye n'inzitizi n'ingaruka zo kutabona ibyangombwa nkenerwa mu buzima

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatamva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta

kuvangura kandi batagira urugomo.

- b. Umwarimu agomba kumenya
 - Gusobanura byimbitse ibyangombwa nkenerwa by'ibanze n'ibitari iby'ibanze mu buzima
 - Gutandukanya ibyiciro by'abantu mu mibereho n'ukuntu bagenda bakenera ibintu binyuranye, inzitizi n'ingaruka bahura na zo mu kubura ibyo bakeneye.

Imyitozo y'inyongera

- Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo gusura abantu bagezweho n' inzitizi zo kutabona ibyangombwa by'ibanze n'ingaruka zabyo.
- Gukina udukino kuri iyo nsanganyamatsiko.

Umukoro

- Gusaba abanyeshuri kuganira gukora ikiganiro ku nzitizi n'ingaruka zo kutabona ibyangombwa nkenerwa.

Isomo rya gatatu: Akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kuyatabona

(urup. rwa 66-68mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanura akamaro

k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.

Intego

Ubumenyi :

Kurondora akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.

Ubumenyigiro:

Gusobanura akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.

Ubukeshya :

Gukoresha neza amafaranga no kugira umuco wo kuzigama.

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura

akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga

- Kubasaba kuvuga bashize amanga akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura no kuzirikana neza akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zo gukoresha neza amafaranga no kwimenyereza kugira umuco wo kuzigama.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura akamaro k'amafaranga, inzitizi zo kutabona amafaranga.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe.
- Gusobanura imyitwarire iboneye yamufasha gukoresha neza amafaranga no kuzigama.
- Gusobanura inzitizi zo kutabona amafaranga mu buzima bwa buri muni.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura

n'akamaro k'amafaranga, inzitizi zituma ataboneka.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya
 - Gusobanura byimbitse uko abana bato bagomba gukoresha amafaranga batararutse.

Imyitozo y'inyongera

- Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo gusura abantu mu ngo zibegereye bakareba niba bafite amafaranga ahagije yo gukoresha mu buzima bwabo, bakamenya n'inzitizi bafite zo kutayabona.

Umukoro

- Gutegura udukino bihimbiye kuri iyo nsanganyamatsiko

Isomo rya kane

Uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi

(urup. rwa 69-70 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanura uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi

Intego

Ubumenyi :

Kurondora uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi

Ubumenyigiro:

Gusobanura uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo

kuyakoresha nabi

Ubukeshya :

Gukoresha neza amafaranga no kugira umuco wo kuzigama Kwirinda ingaruka zo kuyakoresha nabi.

Imfashanyigisho

- A amashusho agaragaraho uburyo buboneye bwo kugoreshaneza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano.

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi
- Kubasaba kuvuga bashize amanga uburyo buboneye bwo kugoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura uburyo

buboneye bwo kugoresheza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi

- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi.
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zo gukoresha neza amafaranga no kwimenyereza kugira umuco wo kuzigama birinda ingaruka zo kuyakoresha nabi.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura uburyo buboneye bwo kugoresheza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe.
- Gusobanura imyitwarire iboneye yamufasha gukoresha neza amafaranga no kuzigama yirinda ingaruka zo kuyakoresha nabi.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza, kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ibirebana no gukoresha neza amafaranga n'ingaruka zo kuyakoresha nabi.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba

gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:

- *Uburezi budakomeye* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburirangire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa. muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya
 - Gusobanura byimbitse uko abana bato bagomba gukoresha amafaranga batararutse.

Imyitozo y'inyongera

- Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo kwerekana uko bakoresha neza amafaranga birinda

kuyasesagura.

Umukoro

- Gutegura udukino bihimbiye kuri iyo nsanganyamatsiko.

Isomo rya gatanu: Ibintu by'ingenzi bigize umutungo rusange n'amicungire yabyo.

(urup. rwa 71-72 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gusobanura uburyo ibintu by'ingenzi bigize umutungo rusange mu mudugudu n'Akagarin'uburyo buboneye bwo kubucunga neza.

Intego

Ubumenyi :

Gutahura ibigize umutungorusange

Ubumenyingiro:

Gusobanura ibintu by'ingenzi bigize umutungo rusange mu mudugudu no mu kagari atuyemo.

Ubukeshya :

- Kurangwa no kubungabunga umutungo rusange
- Kugira umuco wo kurata, gushima no kunezezwa n'ibintu nyaburanga biri aho atuye

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragara ibintu by'ingenzi bigize umutungo

rusange n'abantu bari ku bifata neza.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora arondora ibigize umutungo rusange.
- Kuyobora abanyeshuri bagakora urugendoshuri rwo kwitegereza umutungo rusange uri hafi y'ishuri bigamo.
- Kubasaba kuvuga bashize amanga uburyo buboneye bwo gucunga neza umutungo rusange.
- Kubayobora bagakora imyitoto yo gusobanura uburyo buboneye bwo gucunga neza umutungo rusange.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha kuvuga buri mutungo rusange uboneka mu Mudugudu no mu Kagari batuyemo ndetse n'icyo bakwiye gukora kugira ngo babifate

neza.

- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zifatika zo kurinda kwangirika k'umutungo rusange.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kurondora umutungo rusange uri mu Mudugudu n'Akagari atuyemo.
- Gukora imyitoto ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gufata neza umutungo rusange uboneka mu Mudugudu no mu Kagari batuyemo.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ibirebana n'umutungo rusange uboneka mu Mudugudu no mu Kagari batuyemo.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaha* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo.

Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye .

Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburyanire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya Gusobanura byimbitse ibigize umutungo rusange wo mu Mudugudu no mu Kagari n'aho biherereye n'ikibiranga .

Imyitoto y'inyongera

Uretse imyitoto iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa gusobanura uko abatuye Umudugudu n'Akagari bafata neza umutungo rusange.

Umukoro

Igikorwa cyo gukora impapuro zisobanura impamvu ari ngombwa gufata neza umutungo rusange uboneka mu Mudugudu no mu Kagari

bakazimanika mu ishuri n'aho ishuri rimanika amatangazo.

6.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO YO KU MUTWE WA 6

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Sobanura ijamba ibyangombwa by'ibanze nkenerwa mu buzima *Ni iby'ingenzi bituma abaho.*
2. Tanga ingero 4 z'ibyangombwa by'ibanze nkenerwa mu buzima *Ibiribwa n'ibinyobwa, aho kuba, imyambaro, imiti.*
3. Umwana udahabwa ibyangombwa nkenerwa *ntakura neza, aba inzererezi, ahora arwaragurika*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 83 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. *Ingero 4 z'ibyangombwa nkenerwa bitari iby'ibanze: radiyo, televiziyo, imodoka, mudasobwa*
2. *Ibyangombwa nkenerwa bitari iby'ibanze ni ibyo dukenera ariko n'iyotutabifite tukaba twabaho.*
3. *Itandukanirizo riri hagati y'ibyangombwa nkenerwa bitari iby'ibanze n'ibyangombwa by'ibanze nkenerwa mu buzima ni uko iby'ibanze iyo bibuze umuntu yapfa, ariko ibitari iby'ibanze byabura umuntu kabaho*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 64 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Ingero z'ibiza bishobora gutuma abantu babura ibyangombwa nkenerwa mu buzima:** *Imvura nyinshi, umuyaga, izuba, umutingito, kuruka kw'ibirunga*
2. Ese iwanyu mwaba mwarigeze mubura ibyangombwa nkenerwa mu buzima? Byatewe ni iki? *Biterwa n'ibyangombwa*

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 65 mu gitabo cy'umunyeshuri

Mwaba mwarigeze mugerwaho n'ingaruka ziterwa no kubura ibyangombwa bikenerwa mu buzima? Musobanure. *Biterwa n'ibyangombwa*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 66 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Akamaro k'amafaranga ku bana muri mu kigero kimwe ni uko: *Bayaguramo itungo, bayaguramo ibikoresho by'ishuri, bayaguramo imyenda n'utundi tuntu bakeneye*
2. Akamaro k'amafaranga ku muryango wange ni uko: *Bayaguramo ibidutunga n'imyambaro, bishyura ishuri na mituweli, bayategesha imodoka iyo bashaka kugira aho bajya, bayaguramo n'ibindi byose dukenera mu rugo.*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 67 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Uruhare rwa buri munyeshuri mu kwirinda inzitizi zituma

amafaranga ataboneka mu muryango wawe. *Buri wese atanga igitekerezo ke*

2. Tanga ingero z'ibintu bishobora gutuma abagize umuryango babura amafaranga

Ubukene , ubunebwe, ubusinzi, abana benshi cyane , ibiza...

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 68 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Mu muryango wanyu mwaba mwarigeze mubura amafaranga? Mwabigenje mute?
Buri wese abwira bagenzi be ibyamubayeho , umwarimu asabwa kubatega amatwi no gukangurira buri wese kumva ibyabaye kuri mugenzi we . Uyu mwitozo ufasha kwifatanya mu kababaro.
2. Tanga ingero z'ingaruka zo kubura amafaranga mu rugo
Ubuzima bubu, kubura imyenda, kubura ibiryo, kubura imiti ,

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 69 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Gukora urutonde rw'ibyo ugura mbere yo kujya guhaha
Bituma ugura ibintu bya ngombwa ukeneye ntugure ibitari ngombwa.
Bifasha gukoresha neza amafaranga ntuyapfushe ubusa.
2. Sobanura uburyo buboneye bwo kubika neza amafaranga

Kuyabika aho atibwa, muri banki, mu mutamenwa, Kuyagura ikintu gishobora kuzagukenuka mu gihe kiri imbere.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 70 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Iwanyu bigeze kugerwaho n'ingaruka zo gukoresha nabi amafaranga? Babigenje bate? Sobanura
Buri wese abwira bagenzi be ibyamubayeho , umwarimu asabwa kubatega amatwi no gukangurira buri wese kumva ibyabaye kuri mugenzi we . Uyu mwitozo ufasha kwifatanya mu kababaro
2. Ingero z'ingaruka zo gukoresha nabi amafaranga
Umubabaro , kwicuza , gutongana , amahane, gusozza, ubukene,...

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) Umutungo rusange ugizwe na:.
Amavuriro, isoko, ishuri, ivomo rusange, aho bategera imodoka, imihanda ...
- b) Umutungo rusange ucungwa na nde?
Ucungwa na Leta ubifashijwemo n'inzego z'ibanze

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri

Sobanura uko wagira uruhare mu micungire myiza

y'umutungo rusange uboneka
mu mudugudu n'akagari
utuyemo

*Nakwirinda kubyangiza no
kubyanduza.*

6.3 ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA 6

*(urup.rwa 73 mu gitabo
cy'umunyeshuri)*

1. Vangura ibintu bikurikira
ubishyira mu matsinda yabyo :
Ibyangombwa by'ibanze
nkenerwa mu buzima
Ibyangombwa nkenerwa

Ibyangombwa by'ibanze nkenerwa mu buzima	Ibyangombwa nkenerwa bitari iby'ibanze
Ibiribwa	Imodoka
Imiti	Mudasobwa
Amazi	Televiziyo
Imyambaro	Amakayi
Icumbi	

2. Inzitizi z'ingenzi zituma
abantu batabona ibyangombwa
nkenerwa mu buzima ni:
Ubukene Inzara
Ubusinzi Ubunebwe
Ibiza Indwara
Intambara Ibiyobyabwenge
3. Abantu bagize'ingaruka
zo kutabona ibyangombwa
nkenerwa mu buzima bakunze
kurangwa n'ibi:
Ubuzererezi
Gusabiriza
Kurwaragurika
Guhunga
- 4 .Mpembwe amafaranga nakora
kimwe muri ibi:

Kuyabika mu gasanduku
Kuyagura itungo nkaryorora
Kuyagura ibitabo byo gusoma
Kuyabitsa ababyeyi

5. Inzitizi zituma umuryango
utabona amafaranga ni:
Kubura akazi Gusesagura
Kwangiza Ubunebwe
Indwara Kubyara abana
benshi
6. Ibyaha bikorwa n'abantu
babuze amafaranga ni ibi
bikurikira:
Ubujura Ubwambuzi
Uburaya Ubushukanyi
7. Akamaro ko gukora urutonde
rw'ibyo ugura mbere yo
kubigura ni aka gakurikira:
Rugufasha :-Kubara neza
ntiwibwe
- *Kumenya ko ibyo ukeneye*
byose ubibonye
- *Kugira gahunda mu byo ugura*
- *Rutuma utagura ibitari ku*
rutonde
8. Umutungo rusange ni ibintu
bikoreshwa n'abantu bose ntawe
ubyise ibye naho Umutungo
bwite ni umutungo w'umuntu
ku giti ke kandi ntabwo
uvogerwa.
9. Shyira ibi bikurikira mu
matsinda yabyo.

Umutungo rusange	Umutungo bwite
Isoko	Inzu ya Rugira
Ivuriro	Umurima wa Keza
Umuhanda	Ishuri ry'ababyeyi

7.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 7

Umubare	Amasomo
1	Amerekezo
2	Ibidukikije
3	Abaturage
Igiteranyo	3

Isomo rya mbere:

Amerekezo

(urup. rwa 74-76 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi

bugamijwe:

Kwiyobora , kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije

Intego

Ubumenyi :

Gutahura aho ibintu n'abantu baherereye

Ubumenyigiro:

Kuranga aho ibintu n'abantu baherereye akoresheje amerekezo

Ubukeshya :

- Kwiyobora no kuyobora abandi
- Kwitegereza ibimukikije

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho ibintu by'ingenzi bigize umutungo

rusange n'abantu bari ku bifata neza.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mboze zamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura uburyo bwo kuranga ibintu biri hafiy'urugo n'ishuri yigamo.
- Kuyobora abanyeshuri bagasohoka mu ishuri maze bagakora igikorwa cyo kujya

bareba ikintu cyangwa ahantu bakaharanga bakoresheje amerekezo.

- Kubasaba kuvuga amerekezo y'ingenzi akoreshwa mu kuranga aho ibintu biherereye.
- Kubayobora bagakora imyitoto yo kuranga iwabo n'ibikorwaremezo biboneka mu mudugudu no mu kagari batuyemo.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha kumenya amerekezo.
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zifatika zo kujya bakoresha amerekezo yizwe igihe cyose baranga ahantu cyangwa aho ibintu biherereye.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no kuranga aho ibintu biherereye akoresheje amerekezo
- Gukora imyitoto ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe"amerekezo"
- Gusobanura uburyo buboneye bwo kuranga ahantu cyangwa aho ibintu biherereye.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye agaragaza uko yaranga ahantu n'ibintu akoresheje amerekezo.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburyinire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
 - b. Umwarimu agomba kumenya amagambo anyuranye akoreshwa mu kuranga ahantu
 - c. Gukoresha amoko atandukanye y'idira
- Imyitoto y'inyongera**
- Uretse imyitoto iri mu gitabo

cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo kuranga iwabo cyangwa aho ibikorwa remezo byubatswe mu mudugudu cyangwa mu kagari ke biherereye akoresheje amerekezo.

Umukoro

- Igikorwa cyo kuranga aho ishuri yigamo riherereye ugereranyije n'ayandi mashuri ari mu kigo akoresheje amerekezo.

Isomo rya kabiri:

Ibidukikije

(urup. rwa 77-80 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- 2. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** Kwiyobora, kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije

Intego

Ubumenyi :

Kugaragaza ibidukikije biri mu gace ishuri riherereyemo

Ubumenyingiro:

Gusobanura uburyo bwo gufata neza ibidukikije

Ubukeshya :

Kurangwa n'umuco wo kubungabunga ibidukikije

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho ibidukikije bitandukanye bikikije ikigo cy'amashuri n'abantu bari ku muganda wo

kubifata neza.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora kurondora ibidukikije biri mu gace ishuri yigamo riherereyemo
- Kuyobora abanyeshuri bagasohoka mu ishuri maze bagakora igikorwa cyo kujya bareba ibidukikije biri hafi y'ishuri ryabo.
- Kubasaba kuvuga uburyo buboneye bwo gufata neza ibidukikije biri hafi y'ishuri ryabo.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura uburyo buboneye bwo gufata neza ibidukikije biri hafi y'ishuri ryabo.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uko bakwiye kurangwa n'umuco wo kubungabunga ibidukikije ku

ishuri, mu nzira bacamo baja ku ishuri n'iwabo mu rugo.

- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zifatika zo kujya barangwa n'umuco wo kubungabunga ibidukikije biboneka ku ishuri, mu nzira bacamo baja ku ishuri n'iwabo mu rugo.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka kurondora ibidukikije biri mu gace ishuri riherereyemo.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe ibidukikije biri mu gace ishuri yigamo riherereyemo n'uburyo bwo kubifata neza.
- Gusobanura uko akwiye kurangwa n'umuco wo kubungabunga ibidukikije.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza, kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ibidukikije biri mu gace ishuri yigamo riherereyemo n'uburyo bwo kubifata neza “

Ubumenyi bw'inyongera mwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite

imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye .

Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburyanire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba.
- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya neza agace ishuri ryubatsemo byaba ngombwa akagira ikarita yaho ku buryo abasha kuvuga no gusobanura ibidukikije biri muri ako gace.

Imyitozo y'inyongera

- Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo kuranga ibidukikije biboneka mu gace ishuri yigamo riherereyemo akoresheje amerekezo.

Umukoro

Igikorwa cyo gusobanura uko bafata neza ibidukikije biboneka ku ishuri ryabo.

Isomo rya gatatu: Ibidukikije

(urup. 77 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Kwiyobora, kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije

Intego

Ubumenyi :

Kugaragaza akamaro ko kubungabunga ibidukikije aho utuye

Ubumenyigiro:

Gusobanura ingaruka zo kutita ku bidukikije

Ubukeshya :

Kurangwa n'umuco wo kubungabunga ibidukikije

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho akamaro ko kubungabunga ibidukikije n' ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura akamaro ko kwita ku bidukikije.
- Kuyobora abanyeshuri bagasohoka mu ishuri maze bagakora igikorwa kwita ku bidukikije biri mu kigo cyanyu.
- Kubasaba kuvuga ngaruka ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura akamaro ko kwita ku bidukikije.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura impamvu ari ngombwa kwita ku bidukikije.
- Kubaha igikorwa cyo gufata ingamba zo kwirinda ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura akamaro ko kwita ku bidukikije ndeatse n'ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe

Akamaro ko kwita ku bidukikije n'ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije“

- Gusobanura uko akwiye kugira uruhare runini mu kwita ku bidukikije by'ishuri ryabo hirindwa ingaruka ziterwa no kutita ku bidukikije.

7. **Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo**

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura ingaruka zo kudafata neza ibidukikije.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburunganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu

matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya neza agace ishuri ryubatsemo byaba ngombwa akagira ikarita yaho ku buryo abasha kuvuga no gusobanura ibidukikije biri muri ako gace, uko bifashwe ndetse n'ahaba haragize ingaruka zo gufatwa nabi.

Imyitozo y'inyongera

- Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo gufata neza ibidukikije biri mu kigo no kugira ngo barinde ikigo cyabo ingaruka zo kutita ku bidukikije.

Umukoro

Igikorwa cyo gusobanura akamaro ko kwita ku bidukikije n'ingaruka zo kutita ku bidukikije.

Isomo rya kane:

Abaturage

(urup. rwa 81-82 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Kwiyobora, kuyobora abandi no gufata neza ibidukikije

Intego

Ubumenyi :

Kwegeranya no gutanga imibare y'abanyeshuri bigana

Ubumenyigiro: Kubara abanyeshuri abashyira mu byiciro bitandukanye

Ubukeshya :

Kurangwa n'umuco wo kwitegereza, gusesengura no kugereranya

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho abantu bari gukora ibarura rusange ry'abaturage.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu

n' integanyanyigisho by'amasomo mboze zamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura uburyo bwo kwegeranya imibare y'ibintu bisa no

kugereranya ibyiciro byabyo.

- Kuyobora abanyeshuri bagakora igikorwa cyo kubara abanyeshuri bari mu ishuri ryabo no kubashyira mu byiciro bagendeye ku myaka, igitsina.
- Kubasaba kuvuga uburyo bwo kwegeranya imibare y'ibintu bisa no kugereranya ibyiciro birimo.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura akamaro kumenya umubare w'abaturage cyangwa umubare w'abanyeshuri.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uburyo bwo kwegeranya imibare y'ibintu bisa no kugereranya ibyiciro byabyo.
- Kubaha igikorwa cyo kumenya umubare w'abantu bari mu muryango we n'ibyiciro barimo bakaza bakabisobanurira bagenzi babo.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura uburyo bwo kwegeranya imibare y'ibintu bisa no kugereranya ibyiciro.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe uburyo bwo kwegeranya mubare w'ibintu cyangwa abantu no kubashyira mu byiciro.
- Gusobanura uko akwiye impamvu ari ngombwa

kumenya umubare w'abanyeshuri bigana n'amubare w'abantu babana iwabo n'ibyiciro byabo.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura uko babarura abanyeshuri bo ku ishuri rye .

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye .
 - Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Umuco w'amahoro*:ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya neza ishuri yigishaho, imibare y'abariho, abaryigamo n'abahakora.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora igikorwa cyo kubara abanyeshuri bigana no kubashyira mu byiciro bagendeye ku myaka yabo, igitsina, indeshyo, ubunini,uburebure,ubugufi,...

Umukoro

Igikorwa cyo gusobanura akamaro ko kumenya umubare w'abagize umuryango we n'ibyiciro barimo akabiganirira bagenzi be.

7.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO YO KU MUTWE WA 7

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 75 mu gitabo cy'umunyeshuri

1,2,3, Ibisubizo biterwa n'aho buri kintu gihererereye umwarimu agomba kuzuzura ko ibisubizo bitangwa bijyanye n'ukuri kw'aho bari.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa76 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Abantu bakoresha idira mu kazi kabo
Ba mukerarugendo, abanyeshuri n'abarimu, abagenzi bajya mu ngendo za kure, abasirikari,
2. Ibyo wakwifashisha ushaka kurangira umuntu ni
Amerekezo, ikarita, idira, ibyapa, intoki
3. Vuga amarekezo y'ingenzi aboneka ku idira n'aho yerekana
Amajyaruguru (N), amajyepfo (S), iburasirazuba, (E) iburengerazuba (W)

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 77 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibisubizo bihinduka bitewe n'Akarere ishuri ryubatsemo n'imiterere yayo.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Uruhare mfite mu gufata neza ibidukikije biri mu gace ishuri ryacu ryubatsemo.
Nirinda kwangiza ibiti n'indabo, nirinda guta imyanda ahabonetse hose nirinda gutwika ibiti, ...
2. Ibintu by'ingenzi bikwiye gukorwa kugira ngo ibidukikije biri mu gace karimo ishuri ryacu bifatwe neza
Kubigirira isuku, kutabyangiza, kubikorera kugira ngo bikure neza, kubirinda ababyangiza.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa

79 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kuki tugomba gufata neza ibidukikije biri mu gace ishuri ryacu ryubatse?
Kuko bidufitiye akamaro
2. Aho mutuye bafata bate ibidukikije ?
Babikorera umuganda bakabisukura, bakabishyiraho ifumbire....
3. Vuga ry'umubu utera malariya
Anoferi

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ingero z'indwara zishobora guterwa no kutita ku bidukikije
Malariya, kolera, macinya,
2. Sobanura ingaruka zishobora guterwa n'isuri hamwe n'inkangu
Ubutaka buratwarwa hagasigara ubutaka butera, inkangu zitera impanuka

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 109 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Mwarimu wanyu amenya ate abaje n'abasibye?
Arahamagara akabarura abaje n'abasibye
2. Ni iki bakora ngo umenye umubare w'abanyeshuri biga ku kigo cy'ishuri
Bakora ibarura ryabo bandika Amazina yabo n'ishuri bigamo.

7.3 IBISUBIZO BY'ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA 7

(urup. rwa 83 mu gitabo

- cy'umunyeshuri)*
1. *Iyo ushaka kuranga ahantu hatandukanye wifashisha idira ,icyapa cyangwa ikarita*
 2. *Amagambo 10 wakoresha uranga ibintu bikwegereye:*

<i>Hepfo</i>	<i>Haruguru</i>
<i>Imbere</i>	<i>Inyuma</i>
<i>Iburyo</i>	<i>Ibumoso</i>
<i>Hejuru</i>	<i>Hasi</i>
<i>Hirya</i>	<i>Hino</i>
<i>Hagati</i>	<i>Munsi</i>
 3. **Ingero z'ibidukikije nyuraho mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri ni:**

<i>Imirima</i>	<i>Amazu</i>
<i>Isoko</i>	<i>Ivuriro</i>
<i>Urusengero</i>	<i>Imihanda</i>
<i>Ibiraro</i>	<i>Amaduka</i>
<i>Ishyamba</i>	<i>Igishanga</i>
<i>Umugezi</i>	
<i>Ubusitani</i>	
 4. **Ibikorwa byo gufata neza ibidukikije abanyeshuri bagiramo uruhare harimo**
Gutera ibiti n'indabo
Kuvomerera ibiti n' indabo
Gusukura ubusitani
Gukubura imiharuro
 5. **Kubungabunga ibidukikije bidufitiye akamaro gakurikira :**
Biturinda indwara
Bituma tuba ahantu heza
Biturinda impanuka n'ibiza
Biturinda isuri
 6. *Mu Mudugudu wacu twagezweho n'ingaruka zo kutita ku bidukikije ababyeyi bacu n'ubuyobozi bafata ingamba zo kujya babibungabunga ndetse bafatira ingamba ababyangiza.*
 7. *Iyo hakorwa ibarura haba hagamijwe kumenya umubare w'abanyeshuri cyangwa abaturage kugira ngo bakorerwe igenamigambi.*
 8. **Ibyiciro by'ingenzi wakwitaho igihe ubarura abanyeshuri ni:**
Amazina yabo
Amazina y'ababyeyi
Igitsina
Imyaka
Aho batuye
Aho bavukiye
 9. **Kwa muganga, ku Mirenge mu Kagari no mu Mudugudu.**

8.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 8

Umubare	Amasomo
1	Amoko y'ubwikorezi n'akamaro kabwo
2	Amoko y'itumanaho, uko rikorwa n'akamaro karyo
Igiteranyo	2

Isomo rya mbere : Amoko y'ubwikorezi n'akamaro kabwo

(urup. rwa 84-85 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gutandukanya amoko y'ubwikorezi n'itumanaho n'akamaro kabyo

Intego

Ubumenyi :

Kugaragaza amoko y'ubwikorezi n'uburyo bukorwamo

Ubumenyingiro:

Gusobanura akamaro k'ubwikorezi bukorerwa aho atuye

Ubukeshya :

Kurangwa n'umuco wo kubungabunga inzira z'ubwikorezi

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho inzira z'ubwikorezi zitandukanye.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mboze zamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura inzira z'ubwikorezi zikoreshwa aho atuye.
- Kuyobora abanyeshuri bagakora igikorwa cyo

gusobanura akamaro k'ubwikorezi mu buzima bwa buri munsu.

- Kubasaba kuvuga amoko y'ubwikorezi n'uburyo bukorwamo
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura akamaro k'ubwikorezi
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uburyo ubwikorezi bukorwa mu gace batuyemo.
- Kubaha igikorwa cyo gusobanura imikoreshereze y'inzira z'ubwikorezi zikoreshwa aho atuye.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura amoko y'ubwikorezi n'uburyo bukorwamo mu gace batuyemo.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe" Amoko y'ubwikorezi n'akamaro kabwo "
- Gusobanura uko bikwiye akamaro k'ubwikorezi.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura uburyo bw'ubwikorezi n'akamaro kabwo.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatamva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bukorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba.
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya neza inzira z'ubwikorezi, uburyo bukorwamo.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukora urugendoshuro rwo kujya

kureba inzira z'ubwikorezi zikoreshwa mu kagari ishuri ryubatsemo.

Umukoro

Igikorwa cyo gusobanura amoko y'ubwikorezi akoreshwa iwabo, uko rikorwa n'akamaro kabwo.

Isomo rya kabiri: Amoko y'itumanaho, uko rikorwa n'akamaro karyo

(urup. rwa 86-87 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gutandukanya amoko y'ubwikorezi n'itumanaho n'akamaro kabyo

Intego

Ubumenyi :

Kugaragaza amoko y'itumanaho n'uburyo rikorwamo

Ubumenyiringiro:

Gusobanura akamaro k'itumanaho rikorerwa aho atuye

Ubukeshya :

Kurangwa n'umuco wo kubungabunga ibikoresho by'itumanaho.

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho ibikoresho by'itumanaho n'abantu bari kubikoresha.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano n'iyobokamana

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura amoko y'itumanaho akoreshwa aho atuye.
- Kuyobora abanyeshuri bagakora igikorwa cyo gusobanura akamaro k'itumanaho mu buzima bwa buri muni.
- Kubasaba kuvuga amazina y'ibikoresho by'itumanaho bikoresha iwabo no ku ishuri n'uburyo buboneye bwo kubikoresha.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura akamaro k'itumanaho.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uburyo itumanaho rikorwa mu gace batuyemo.
- Kubaha igikorwa cyo

gusobanura imikoreshereze y'ibikoresho by'itumanaho no gutanga umurungo ngenderwaho wo kubiha agaciro bikwiye.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura amoko y'ubwikorezi n'uburyo bukorwamo mu gace batuyemo.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe" Amoko y'itumanaho, uko rikorwa n'akamaro karyo "
- Gusobanura uko bikwiye akamaro k'itumanaho ku mibereho y'abatuye Umudugudu.

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha ibitekerezo bye asobanura uburyo bukoreshwa mu itumanaho n'akamaro karyo

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- a. Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha

imyitozo iringaniye .

Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba.
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- b. Umwarimu agomba kumenya neza inzira zose z'itumanaho, uburyo rikorwamo.

Imyitozo y'inyongera

Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri , abanyeshuri bashobora gukoresha bimwe mu bikoresho by'itumanaho byaboneka ku ishuri hanyuma bagakina umukino w'itumanaho.

Umukoro

Igikorwa cyo gusobanura amoko y'itumanaho, uko rikorwa n'akamaro n'akamaro rifitiye abatuye mu gace ishuri ryubatsemo.

8.2 IBISUBIZO BY'IMYITOZO IRI MU MUTWE WA 8

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 84 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Vuga amoko y'ubwikorezi ni
 - a) *Ubwikorezi bukorerwa ku butaka*
 - b) *Ubwikorezi bukorerwa mu mazi*
 - c) *Ubwikorezi bukorerwa mu kirere*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 85 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Sobanura akamaro k'ubwikorezi
Butuma abantu bahahirana , batembera, bajya aho bashaka.
2. Ubwikorezi bukorerwa mu Kagari dutuyemo
Butuma abaturage bahirana, bajya aho bashaka kujya.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 86 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibikoresho by'itumanaho bikoreshwa cyane aho dutuye ni *Telefoni, radiyo, amabaruwa interineti,...*

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 87 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibikoresho byitumanaho bikunze gukoreshwa aho dutuye .

Bituma abantu bahana amakuru, ubutumwa, bavugana, bahana amafaranga.

8.3 IBISUBIZO BY' ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA 8

(urup. rwa 88 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1.

<i>Ubwikorezi bwo ku butaka</i>	<i>Ubwikorezi bwo mu kirere</i>	<i>Ubwikorezi bwo mu mazi</i>
<i>Imodoka</i>	<i>Kajugujugu</i>	<i>ubwato</i>
<i>Ipikipiki</i>	<i>Indege</i>	
<i>Igare</i>	<i>Icyogajuru</i>	

2. *Ubwikorezi bukorerwa mu Mudugudu butuma abawutuye babona amafaranga ,babona uko batwara umusaruro wabo ku isoko,...*
3. *Ingero z'ibikoresho 2 by'itumanaho mutunze iwanyu mu rugo ni:*
Radiyo
Telefoni
4. *Uzuza iyi mbonerahamwe (urup. rwa 89-90 mu gitabo cy'umunyeshuri)*

<i>Ibikoresho by'itumanaho</i>	<i>Akamaro k'ibikoresho by'itumanaho</i>
<i>Radiyo</i>	<i>Gutanga ubutumwa mu majwi</i>
<i>Televiziyo</i>	<i>Gutanga ubutumwa mu majwi no mu mashusho</i>
<i>Mudasobwa</i>	<i>Gutanga ubutumwa mu majwi no mu mashusho</i>
<i>Telefoni</i>	<i>Gutanga ubutumwa mu majwi no mu mashusho</i>
<i>Ibaruwa</i>	<i>Gutanga ubutumwa mu nyandiko</i>
<i>Icyapa</i>	<i>Gutanga ubutumwa mu nyandiko</i>

UMUTWE WA 9

Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho atuye n'ay'ishuri rye

9.1 AMASOMO ARI MU MUTWE WA 9

Umubare	Amasomo
1	Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho atuye
2	Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'ishuri yigamo
Igiteranyo	2

Isomo:

Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho utuye n'ishuri yigamo

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Gushakashaka no kuzirikana amateka y'aho atuye n'ay'ishuri

Intego

Ubumenyi:

Kurondora ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho atuye n'ay'ishuri rye

Ubumenyigiro:

Gusobanura ibyaranze amateka y'aho atuyen'ay'ishuri rye

Ubukeshya :

- Kurangwa n' umuco wo kuzirikana amatekay'iwabo cyangwa ay'ishuri rye
- Kumenya aho uva n'aho ujya
- Gushakashaka afite intego y'ibyo agamije kugeraho

Imfashanyigisho :

Amashusho agaragaraho amateka y'ikigo cy'ishuri, cyangwa ay'ahantu runaka.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n' integanyanyigisho by'amasomo mbozezamubano

Ibice by'ingenzi bigize isomo

Ivumburamatsiko

Muri iki gice abanyeshuri ubwabo bivumburira insanganyamatsiko bagiye kwiga bamaze kwitegereza amashusho n'amafoto ayigaragaza.

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ubwe ashobora gusobanura amateka yaranze ishuri yigamo cyangwa ay'umuryango avukamo.

- Kuyobora abanyeshuri bagakora igikorwa cyo kubwirana amateka yagiye aranga imiryango yabo cyangwa ayaranze aho batuye
- Kubasaba kuvuga muri make amateka y'agace batuyemo.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gusobanura akamaro ko kumenya amateka y'ishuri wigamo, ay'agace utuyemo cyangwa ay'umuryango wawe.
- Guha abanyeshuri ibikorwa bibafasha gusobanura uburyo kumenya amateka bituma umenya aho uva n'aho ugana.
- Kubaha igikorwa cyo kujya kubaza abayobozi b'ikigo amateka y'ingenzi yaranze ishuri ryabo.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kwitegereza, kuganira, kujya impaka no gusobanura ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho utuye ay'ishuri yigamo n'ay'umuryango we.
- Gukora imyitozo ijyanye n'insanganyamatsiko yizwe ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho utuye n'ishuri yigamo.
- Gusobanura uko bikwiye akamaro amateka ku mibereho y'abantu

Ubushobozi bw'ingenzi umunyeshuri yiyungura mu isomo

Ubushishozi, kwitegereza , kuvuga neza yumvikanisha

ibitekerezo bye asobanura amateka yaranze aho atuye n'aho ishuri rye riri.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira:

- Umwarimu agomba gusobanukirwa ubumenyi nsanganyamasomo buri muri iri somo n'uko bugerwaho:
 - *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye . Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko , abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
 - *Uburiganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
 - *Umuco w'amahoro*: ugaragazwa n'uko abanyeshuri bubaha uburenganzira bwa muntu basabana na buri wese nta kuvangura kandi batagira urugomo.
- Umwarimu agomba kumenya neza amateka y' u Rwanda cyane cyane amateka y'aho

ishuri riri n'aho abanyeshuri be batuye.

Imyitozo y'inyongera

- Uretse imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, abanyeshuri bashobora kubaza abayobozi b'ikigo amateka yaranze ishuri ryabo cyangwa ab'Umudugudu amateka yawuranze.

Umukoro

Igikorwa cyo gusobanura amateka yaranze umuryango wabo no kubwira bagenzi be icyo ayo mateka amumariye.

9.2 IBISUBIZO BY' ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA 9

(urup. rwa 91 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Soma maze ushyire akamenyetso ka V ku bintu by'ingenzi biboneka mu mateka y'ahantu
 - *Ibikorwa by'ubutwari V*
 - *Intambara V*
 - *Ubushakashatsi V*
 - *Ibikorwa bigayitse*
 - *Inzara V*
 - *Iminsi mikuru V*
 - *Imikino V*
 - *Ubutabazi V*
 - *Umuntu w'ikirangirire V*
 - *Imiyoborere myiza V*
 - *Imiyoborere mibi V*
 - *Urugomo*
 - *Umutekano muke V*
2. Amateka ni ibyabaye mu gihe

cyahise

3. Ca akaziga ku bintu by'ingenzi biboneka mu mateka y'ishuri
 - a. Ibihembo ishuri ryatwaye
 - b. Inkunga ishuri ryahawe
 - d. Abantu bagiriye nabi ikigo
 - e. Abubatse ishuri
 - f. Abanyeshuri bagize imyitwarire mibi
 - g. Abanyeshuri basuzuguje ikigo
 - h. Uwatashye ishuri
 - i. Abanyeshuri basuzuguye abayobozi b'ikigo
 - j. Abanyeshuri bahize babaye abayobozi

9.3 IBISUBIZO BY'ISUZUMA RYA 1 RISOZA UMWAKA

(Ku rupapuro rwa 91)

1. Umuryango muto ugizwe n'abana n'ababyeyi, umuryango mugari wiyongeraho n'abandi bose bafitanye isano kugera kuri ba sekuruza.
2. Ku ishuri abanyeshuri bafite izi nshingano
 - Kwiga neza bashishikaye kandi babikunze.
 - Gukurikiza amategeko y'ishuri:
 - kwambara umwenda w'ishuri no kugira isuku,
 - kugira ikinyabupfura twubaha abarezi na bagenzi bacu
 - kubahiriza ingengabihe,
 - kubungabunga bidukikije

- n'ibikoresho by'ishuri .
- kudakererwa no kudasiba
3. Mu rugo abanyeshuri bafite nshingano zo gufasha ababyeyi uturimo, gukora isuku n'umukoro.
 4. Iyo abanyeshuri bujuje inshingano zabo ku ishuri batsinda neza kandi barashimwa.
 5. Iyo abanyeshuri bujuje inshingano zabo mu rugo bashimisha ababyeyi
 6. Ibendera ry'u Rwanda rigizwe n'amabara atatu : ubururu, umuhondo n'icyatsi
 7. Ihinduka bitewe n'aho batuye
 8. Komite Nyobozi y'umudugudu igizwe n'abantu 5:
 - Umukuru w'Umudugudu
 - Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage
 - Ushinzwe umutekano , abinjira n'abasohoka
 - Ushinzwe amakuru no kujijura abaturage
 - Ushinzwe iterambere
 9. Ibisubizo bihinduka bitewe n'aho batuye
 10. Inzego z'ubuyobozi zigize Akagari:
 - Inama nnyanama
 - Ubunyamabanga nshingwabikorwa
 - Komite nshingwabikorwa mu iterambere ku rwego rw'Akagari
 11. Uko dusukura amazi iwacu:
 - Gusukura icyo uyatekamo
 - Kuyasukamo ugapfundikira
 - Kuyateka ugategereza akabira
 - Gusukura icyo uyabikamo ukacyumutsa
 - Kuyayungurura
 - Kuyabika apfundikiye
 12. Tugomba kuronga imbuto mbere yo kuzirya kugira ngo twirinde indwara ziterwa n'umwanda
 13. Kutagirira isuku ibiribwa n'ibinyobwa bitera indwara zirimo inzoka zo mu nda , impiswi, tifoyide, kolera n'izindi
 14. Indwara zitandura ziterwa n'umwanda: Inda, amavunja
 15. Indwara zitandura ziterwa n'imirire mibi : bwaki, uruzingo
 16. Umwana afite uburenganzira bw'ibanze bwo :
 - Kubaho
 - Kuvuzwa no kurindwa ikibi
 - Kugaburirwa
 - Kugira ubwenegihugu
 - Kuba mu muryango
 - Gukina - Kwambikwa
 - Kwiga
 17. Biterwa n'aho ishuri riri
 18. Iyo batita ku bidukikije :
 - Abantu batura mu bihuru bakabura umutekano
 - Isuri yangiza imyaka n'ubutaka
 - abantu barwara malariya n'indwara ziterwa n'umwanda

9.4 IBISUBIZO BY'ISUZUMA RYA 2 RISOZA UMWAKA

(Urup 92)

1. Ihohoterwa ry'abana riterwa n'ubugome, ubusinzi, ubujiji.
2. Ihohoterwa rigaragarira mu :
 - *Kumukubita ,*
 - *Kumubuza kwiga,*
 - *Kumubuza gukina,*
 - *Kumuhoza ku nkeke*
 - *Kumuha ibihano bikomeye*
 - *Kutamuvuza arwaye*
 - *Kutamwambika*
 - *Kumunigana ijambo*
 - *Kumutoteza*
3. Nkukurikiza amategeko y'ishuri:
 - *Nambara umwenda w'ishuri no kugira isuku,*
 - *Ngira ikinyabupfura twubaha abarezi na bagenzi bacu*
 - *Nubahiriza ingengabihe,*
 - *Kubungabunga ibidukikije n'ibikoresho by'ishuri .*
 - *Kudakererwa no kudasiba*
4. Abafite ubumuga bafite uburenganzira nk'ubw'abandi bana bose
5. Ibyangombwa nkenerwa birimo: ibiribwa n'ibinyobwa, imiti, imyambaro, inzu...
6. Inzitizi zo kutabona ibyangombwa: ubukene, inzara , ubusinzi, ubunebwe, ibyorezo, intambara n'ibiza
7. Ingaruka zo kutabona ibyangombwa nkenerwa ni :
 - *Ubukene - Urupfu*
 - *Ubuzererezi - Gusabiriza*
- *Gusonza, umutekano muke*
8. *Amafaranga tuyaguramo ibidutunga, tuyishyura ishuri, tuyaguramo imiti n'imyambaro, tuyategesha imodoka kandi tuyishyura abadukorera imirimo itandukanye.*
9. Inzitizi zituma amafaranga ataboneka ni :
 - *ubushomeri, ubunebwe, ibiza n'ibyorezo, umubare munini w'abana, gusesagura n'amakimbirane*
10. Ingaruka zo kubura amafaranga ni :
 - *Ubujura -Kutivuzza*
 - *Ubuzererezi -Inzangano*
 - *Ubushukanyi -Ubwambuzi*
 - *Ishyari -Amakimbirane*
 - *Amadeni adashira*
12. Uburyo buboneye bwo gukoresha neza amafaranga ni :
 - *Kujya kugura ibintu wabanje kubikorera urutonde*
 - *Kugurira aho badahenda*
 - *Kugura ibyujuje ubuziranenge*
 - *Kubara amafaranga ntibakwibe*
 - *Kutagura ibitari ku rutonde*
 - *Kubika amafaranga muri banki*
 - *Kutayapfusha ubusa*
13. Amashuri, amavuriro, imihanda, amavomo, amasoko, ibibuga ...
14. Amashuri, amavuriro, imihanda, amavomo, amasoko, ibibuga ...
15. Haruguru, hepfo, hagati , imbere ,inyuma , munsu
16. Biterwa n'aho ishuri riri